


MENYA UKURI IGIHE KITADARENGA

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA



*Imana ni imwe, amadini akaba menshi
kandi akavuguruzanya kuko inyigisho
bamwe bigisha ari izo bihimbiye.*

BANGANIRUBUSA Deogratias

Tel. 07 88 74 36 61

07 28 74 36 61

deobanga@yahoo.fr

*Aux hommes de sagesse avertis, une analyse
approfondie, un choix délibéré.*

Rubavu, Ukwakira 2016

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

IJAMBO RY'IBANZE

Bakundwa nshuti z'umusaraba, muri iyi si yacu hamaze kwaduka amadini menshi ndetse buri dini rikavuga ko ari ryo rifite ukuri. N'ubwo bimeze bityo, ukuri kw'Imana Data waremye ijuru n'isi ko ni kumwe rukumbi kandi ni ko Data azakoresha ku munsu w'amateka nk'uko byagenze ubwo abahanuzi ba baali bari barayobye bashiriye ku mugezi imbere ya Eliya igihe byari bimaze kugaragara ko bari barakurikiye abigisha b'ibinyoma n'ubwo bo bibwiraga ko batayobye bakizera ko bafite Imana ibasha kumanura umuriro (1 Abami 18:40).

Natekereje kwandika izi mpuguro mbitewe n'inzira y'amayirabiri nanyuzemo. Ndabyibuka mu 1992, umunsi nari ngeze ku irembo ry'urusengero maze numva korali y'abana batoya irimo iririmba iti "Ubwo Yesu azaba ageze ku bicu aje gutwara umugeni we". Ijwi ryahise rinyinjiramo rirambwira riti "Kandi

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

wabona nawe Yesu azaza agasanga utari wihana”. Guhera uwo munsu, nahise mfata icyemezo gikomeye cyo kwihana.

Aha, nasigaranye ikibazo gikomeye kandi kizakomerera benshi ubwo Yesu azaba agarutse. Naribajije nti “None, nindamuka mbaye umuyoboze w’idini ya ADEPR maze impanda yavuga ngasanga narayobye nagombye kuba naragiye mu idini y’Abadivantisiti ?” Ndongera nti” None se, nindamuka ngiye mu idini y’Abadivantisiti, impanda yavuga ngasanga narayobye nagombye kuba naragiye mu idini ya Gatolika ?”

Nashatse idini y’ukuri iyo ari yo bintwara umwanya kubera ko nari naramaze kumenya neza ko bimwe mu byo amwe mu madini yigisha ari inyigisho z’impimbano.

Ku bw’ibyo rero, nafashe igihe nkajya nsenga mvuga nti “Mana ndakwinginze nyereka idini y’ukuri nzajya nsengeramo”. Hashize icyu-mweru n’igice, nahawe imbaraga z’Umwuka kandi nari ntarabatizwa mu mazi menshi. Sinamenye ibimbayeho. icyakora, igihe

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

cyarageze nza kubona ko gusenga kwanjye kumviswe maze kubona ko hariho abakirisitu bafite ibimenyetso bihuje n'ibyajyaga bimbonekaho kuko nasengeraga mu madini atandukanye ntegereje ko Imana izampitiramo idini y'ukuri.

Uretse n'ibyo, nababajwe n'umuvugabutumwa niboneye bamwigisha maze bamwemeza ko kunywa gake nta cyaha kirimo. Uyu muvugabutumwa yahise atangira kwinywera gake n'ubwo abo yari abereye umuyobozi babuzwaga gukoza inzoga mu kanwa kabo.

Icyakora, icyambabaje kuruta ibindi byose ni uko uyu muvugabutumwa yaje kuvanwa mu mubiri mu buryo butunguranye kandi yari akinywa inzoga.

Iyo aza kuba yaramenye neza ibanga ryihishe inyuma yo kwemererwa kunywa gake kwa Timotewo (1Tim. 5 :23), aba yarabaye maso umujura ntacukure inzu ye (Mat. 24 :42-44). [Iryo banga muraza kurisanga muri iyi nyandiko].

Aya mayirabiri nanyuzemo rero, yanteye gusoma Bibiliya kugeza ubwo nayizengurutse

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

inshuro ebyiri kandi nsoma n'ibindi bitabo biyisobanura kugeza ubwo nabashije kumenya ibigaragara muri kano gatabo.

Nshimiye kandi nifuriye umugisha abakozi b'Imana batandukanye barimo Pasitori NIYONGIRA Elie, Pasitori SIBOMANA Claude, Musenyeri GAHUNGU Pierre Claver, impuguke mu bya Bibiliya zatanze ibitekerezo bitandukanye n'abandi bantu bose bamfashije mu gutunganya iyi nyandiko n'abazamfasha kugira ngo iyi nyandiko igere kuri benshi kuko benshi bakeneye kumenya ukuri dore ko abantu bizera ariko wababaza impamvu n'aho byanditse amagambo akabashirana.

Soma umenye ukuri igihe kitararenga, utazibuka ibitereko washeshe. Soma, utazatakaza igihe cyawe, ugakurikira inyigisho z'impimbano. Imana ni imwe, ntabwo igira indimi ebyiri, ntibeshya, ukuri kwayo ni kumwe. Kuba abigisha bavuguruzanya, bigaragaza ko urukungu rwamaze kwinjira, gukwirakwizwa ndetse ko rumaze kubyara imbuto nyinshi z'ubuyobe kugira ngo abagenzi barusheho kuba impumyi,

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

kunyerera, kugwa no kurambarara. Dore ko n'iyi rugenda, rugenda nk'abana b'Imana ntubashe kubatandukanya.

Imana ikomeze kuturinda, kutuyobora no kudutabara kugeza ku muni uheruka iyindi kuko umuni w'amarira menshi uri hafi, Amen.

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

AMASHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE.....i
Amashakiro.....vii

1.AKAMARO K'ISEZERANO RYA KERA.....1
1.1. Ese isezerano rya kera ryarashaje ?.....1
1.2. Amategeko y'Isezerano rya Kera yakuwe-
ho andi yarahindutse.....4
1.3.Yesu yavuze ko adakuyeho amategeko
ahubwo avuga ko amategeko atazongera
guhinduka6

2.MBESE ISABATO TUYIZIRIRIZE ?.....8
2.1.Yesu yabambwe azize gukora ku isabato no
kwiyita Umwana w'Imana.....9
2.2.Yesu yatanze uburenganzira ko umuntu
yakora ku isabato.....9
2.3.Iminsi yose irangana, nta wuruta iyindi....12
2.4.Yesu yaraturuhuye ariko Abayuda bo
baracyashidikanya.....14

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

- 2.5.Isabato yo kutagira icyo ari cyo cyose wakora izongera kubaho ari uko tuvuye mu isi.....17
- 2.6.Abaziririza iminsi basubiye inyuma mu bya kera.....18
- 2.7.Gusenga ku cyumweru byatangiyeye ryari, bitangizwa na nde ?.....19
- 2.8.Uwazanye isezerano rishya, yatumye isabato idakomeza kubera abantu umuzigo.....23
- 2.9.Itagisi ya Kanyamakenga yatwaye pasiteri ku isabato26
- 3.KWENGA NO KUNYWA IBISINDISHA NI ICYAHA ?.....30
- 3.1.Kera, kwenga no kunywa ibisindisha byari byemewe.....30
- 3.2.Kuki Imana yafashe icyemezo kidakuka cyo kwamagana inzoga iteka ryose ?.....31
- 3.3.Hari vino zisindisha , izidasindisha, umuto-be cyangwa izidahiye.....32
- 3.4.Gusengerera abanywi no kwitabira amakoraniro yabo bifite ingaruka ?33

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

- 3.5. Abajya banywa ntibasinde hari icyaha bazashinjwa ?.....35
- 3.6. Timotewo bamwemereye kujya anywa gake kubera uburwayi ariko amenyeshwa ko bizamukururira mu rubanza35
- 3.7. Kunywa igisindisha bitandukaniye he no kunywa ikiyobyabwenge ?.....36
- 3.8. Ibya Pawulo birimo ubwenge bwinshi utabyitondera yayoba akarimbuka.....39
-
4. NI NDE UKWIRIYE GUPFUKAMIRWA, NI NDE UKWIYE GUSENGWA ?.....40
- 4.1. Ni nde ukwiye gusengwa ?40
- 4.2. Yesu ni Imana Ikomeye kandi ni Umuremyi wa byose.....43
- 4.3. Abantu bazabana n’Imana. Imana ubwayo izaturana n’abantu.....44
- 4.4. Hari abahamya ko Umwuka Wera yabaga mu isi mu gihe cy’intumwa none ubu ngo akaba atakiba mu isi kuko ngo yasubiye mu ijuru. Ibyo ni byo ?.....46
-
5. IMFATIRO ZIJEGAJEGA48
- 5.1. Urufatiro rwashyizweho ni uruhe ?.....49

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

- 5.2.Yohana na Mariya nyina wa Yesu umukuru imbere y’Imana ni nde ?.....50
- 5.3.Malayika mulinzi.....50
- 5.4.Ingero za zimwe mu mfatiro zijegajega....51
- 5.5.Hari abavuga ngo nta dini itazavamo umugeni. Ibyo byaba ari ukuri ?.....62
- 5.6.Yozefu yaba yarabujijwe kuryamana n’umugeni we iteka ryose ?.....64
- 5.7.Mariya yaba yarabyaye abandi bana ?.....64
-
- 6.INYIGISHO ZINYURANYE.....67
- 6.1.Yikoreye umusaraba uremereye agwa hasi gatatu nta hantu wabisanga muri Bibiliya.....67
- 6.2.Kera abatari Abisirayeli ntibari bemerewe ubugingo buhoraho.....68
- 6.3.Duhanganye n’abadayimoni bafite imbaraga ziruta iza bamwe mu bamalayika b’Imana.....69
- 6.4.Abitabye Imana n’abitabye Shitani baba ahantu hatandukanye. Abo, bazazuka mu bihe bitandukanye.....69
- 6.5.Abazataha ijuru, ntabwo bazahembwa ibihembo bingana.....70

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

- 6.6.Ese ibihano by'abari muri geginomu bizaba
bireshya ?.....72
- 6.7.Amajuru atatu, iremwa ry'Abamalayika
n'ibizima.....74
- 6.8.Uwiteka, Yesu, Umwuka Wera, Ubutatu...75
- 6.9.Kwishyingira ni icyaha ?.....76
- 6.10.Umugaba w'Ingabo zo mu gihugu cyo mu
ijuru ni nde ?.....77
- 6.11.Wirinde kuko ku irembo ry'ijuru n'intwari
ubwazo zihinjira biruhanije.....78
- 6.12.Abadayimoni duhanganye bafite imbaraga,
uburambe n'amayere bihagije ku
buryo bayobeje benshi.....79
- 6.13.Kujya impaka bigusha abumva.....81
- 6.14. Isirayeli ni igihugu giteye gite ?.....82
- 7.INSOBANURO Z'AMWE MU MAGAMBO
AKUNZEGUKORESHA.....84
8. INTASHYO.....85

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

1. AKAMARO K'ISEZERANO RYA KERA

Muri iki gice cya mbere, turaza kubona ko isezerano rya kera ryari ritsimbaraye ku isabato, ku mategeko y'imihango no ku byo gutamba ibitambo by'amatungo ariko noneho rikaba rivugwa ko ryashaje ubwo twahabwaga isezerano rishingiye ku buntu (Kuva 20:8-11, Heb.8:13). N'ubwo rivugwa ko ryashaje, turaza kubona ko isezerano rya kera ridufitiye akamaro kanini cyane ku buryo nta murongo n'umwe wo muri ryo twatakaza.

1.1. Ese isezerano rya kera ryarashaje ? (Heb.8:13).

N'ubwo bivugwa ko isezerano rya kera ryashaje (Heb. 8:13), ntibishatse kuvuga ko twarijugu-nya kuko ibyinshi byo muri ryo byahindutse ari ibirebana n'amategeko yahawe Abisirayeli ubwo bavaga kwa Farawo mu Egiputa (Misiri). Mu bitarigeze bihinduka na gato twavugaga

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

nk'ibyavuzwe nyuma yaho nko mu buhanuzi kuko na n'ubu hari ubuhanuzi butarasohora harimo nk'umuriro utwika nk'itanura wahanuwe na Malaki (Mal.3:19), ibyahanuwe bitandukanye, Zaburi ndetse n'ibindi byanditswe (Lk. 24:44). Iri sezerano kandi ibirimo bitubera akabarore kuko ridufasha kumenya no kwizera ko niba Imana itarabashije kugirira imbabazi abagiye bagoreka inzira zayo ko natwe tutazabona imbabazi nitunangira imitima yacu (2Pet. 2:6-10 ; Heb. 3:16-19; 12:25). Iri sezerano na none rikatwereka neza amavu n'amavuko y'ibyo Imana twizeye yagiye ikora ikoresheje imbaraga zayo, ibimenyetso n'ibitangaza (Yos.4:20-24). Uretse n'ibyo kandi, ritwereka inzira abatubanjirije bagiye banyuramo bigatuma natwe tubasha kwiha-nganira ubunyereri n'amabuye asitaza biranga iyi nzira turimo cyane cyane ko twe turi ku mperuka y'ibihe. Bityo rero, nta murongo n'umwe wo mu isezerano rya kera utadufitiye akamaro ari na yo mpamvu bibiliya igizwe n'isezerano rishya ndetse n'isezerano rya kera.

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Benshi biziba amatwi bakavuga ko amategeko atigeze ahinduka n'ubwo bazi neza ko na bo ubwabo batagitanga ibitambo by'ibimasa. Abandi bakiziba amatwi bavuga ko Yesu atasazishije isezerano rya kera mu gihe bigaragara neza mu gitabo cy'abaheburayo ko yarisazishije (Heb. 8:13). Kuba bivugwa ko ryashaje (Heb. 8:13), bigaragaza ko menshi mu mategeko yo muri ryo yakuweho agasimbuzwa amashya kuko hari hamaze gutangazwa isezerano rishya rishingiye ku buntu n'amaraso ya Yesu Kristo (Heb. 8:8-9; 10:9). Nk'uko no mu buzima busanzwe iyo haje itegeko rishya rihita risimbura iryari risanzweho, itegeko ryose rivuguruzanya n'irya kera, hubahirizwa irishya. Kuvanwaho kwaryo, byatewe n'uko amategeko atigeze agira icyo atunganya nk'uko bigaragara mu gitabo cy'Abaheburayo (Heb. 7:18-19). Ibi byatumye isezerano rya kera ryari rishingiye cyane ku mategeko atagira ingano risazishwa kugira ngo abo Kristo yameneye amaraso bubake ku rindi sezerano ridahwanye n'irya mbere nk'uko tubisanga mu gitabo cy'Abaheburayo (Heb. 8:8-9). Yesu ntabwo yaje

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe ahubwo yazanywe no gukora ibyari byarahanuwe kuva kera ubwo Umwuka yavugaga ko hazabaho isezerano rishya ridahwanye n'irya ba sogokuruza bacu nk'uko tubisanga mu gitabo cy'Abaheburayo (Heb.8:7-9). Bityo rero, ntiyakuyeho ibyahanuwe ahubwo yahinduye ibyariho kuko byari byarahanuwe ko azaza agashyiraho isezerano rishya ritazakurikiza amategeko y'irya mbere (Yer.31:31-32; Heb.8:7-9). Kuba rero Yesu yarabwiye umuntu ngo niyikorere umutwari ku isabato (Yoh.5:8-10) nta gitangaje kirimo kuko isezerano yatuzaniye ritagombaga gukurikiza amategeko y'irya mbere. icyakora, na n'ubu haracyariho abayuda benshi bigisha bati amategeko ntiyemera ko wakwikorera umuzigo ku isabato kandi Yesu we yarabyemeye (Yoh.5:10).

1.2. Amategeko y'Isezerano rya Kera yakuweho andi arahindutse (Heb.7:18; 7:12)

Nk'uko tubisanga mu gitabo cy'Abaheburayo, ayo mategeko yakuweho andi arahinduka kuko

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

uwari warayazaniye abisirayeli (Mose) ari uwo mu wundi muryango utandukanye n’uwo Kristo yakomotsemo (Heb.7:12-14). Uyu Kristo we yazanywe no kwireherezaho amahanga yose kandi abanyamahanga na bo babona agakiza ubwo yasazishaga isezerano rya kera (Heb. 8:13) agira ngo dukomeze irishya. Ibyo byabayeho ubwo yavugaga ati “Dore nzanywe no gukora ibyo ushaka”, akuriraho ibya mbere gukomeza ibya kabiri (Heb.10:9).

Yesu agitangira kwigisha, yahinduye ibintu byinshi kuko yari aje guhindura rwose kugira ngo abamukurikiye bashinge urufatiro ku isezerano rishya ku bw’amaraso ya Kristo. Mu bintu yahinduye dusangamo amategeko menshi y’imihango ndetse ahindura n’imigenzereze nk’uko tubisanga mu gitabo cya Matayo ibice bitanu (Mat. 5:27-28; 5:31-32; 5:33-37; 5:38-42; 5:43-44). Aha, twavugaga nk’igihe Yesu yavugaga ati byaravuzwe ngo ukunde ugukunda, wange umwanzi wawe ariko njyeweho ndabwira ngo mukunde n’abanzi banyu. Nuko rero, haracyariho amategeko

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

menshi yo mu sezerano rya kera tugomba kwitondera n'ubwo dushinga urufatiro ku isezerano rishya ry'amaraso ya Kristo kuko Yesu ari we buye ry'ifatizo (Mat. 21:42).

Benshi bishimira kwigisha batsimbaraye ku mvugo ngo Yesu ntabwo yigeze ahindura amategeko nyamara kubera ko bigaragara mu gitabo cy'Abaheburayo nta mpamvu yo gukomeza gutsimbarara (Heb.7:12,18). Uretse n'ibyo muri abo bahakana nta n'umwe wakwemerera gutamba igitambo cy'inka ye ngo ikongorwe n'umuriro nk'uko kera byari bimeze.

1.3. Yesu yavuze ko adakuyeho amategeko ahubwo avuga ko amategeko atazongera guhinduka (Mat. 5:17-18; 24:35).

N'ubwo Yesu yahinduye amategeko kubera ko n'ubutambyi bwari bumaze guhinduka (Heb. 7:12,18), bigaragara ko atakuyeho amategeko ahubwo ko yashyizeho amategeko mashya ndetse amwe muri yo akaba atandukanye n'ay'isezerano rya kera nk'uko byari byarahanuwe (Yer.31:31-32; Heb.8:7-9).

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Bigaragara kandi ko kugeza aho isi izashirira nta rindi hinduka ry'amategeko rizongera kubaho cyangwa se ngo hagire itegeko rivanwaho nk'uko Yesu yabihamije (Mat.24:35).

Aha, buri wese agomba kwiyumvisha ko gukuraho amategeko no guhindura amategeko ari ibintu bibiri bitandukanye cyane. Uramutse ukuyeho amategeko, habaho akajagari mu gihugu kuko nta tegeko ryaba rikiriho. Nyamara uhinduye amategeko, ibigande byakomeza guhanwa ndetse hari n'amategeko ya kera yakomeza kubahirizwa nyuma y'ivugururamategeko. Nuko rero, hari amategeko Yesu yakuyeho nko gutamba ibitambo by'ibimasa n'ubwo hari amategeko menshi yakomeje gukurikizwa.

Kubera ko amwe mu mategeko dufite ubu atandukanye n'ayo mu isezerano rya kera, bituma benshi mu badasobanukiwe bibwira ko Bibiliya yivuguruza aho kubona ko hariho amwe mu mategeko yahindutse ku bw'amaraso ya Yesu (Heb. 7:12,18; 10:9).

2. MBESE ISABATO TUYIZIRIRIZE ?

Muri kino gice cya kabiri, turaza kubona ko Yesu yigishije ko mu isezerano azanye abantu bazajya bubaha amategeko ariko muri iryo sezerano yatuzaniye akaba yaragaragaje ko umuntu ashobora no kwikorera umuzigo ku isabato kugeza ubwo yemeye no kubiryoza (Yoh. 5:8-9,16-17; Mat. 19:16-19). Turaza kubona kandi ko Pawulo yihanangirije abantu ati mwirinde abantu babashukashuka bagira ngo babigishe gukurikiza ibyo mu isezerano rya kera bidahuje cyangwa bidakurikiza ibyo Kristo yigishije (Abakol.2:8). Muri iri sezerano yatuzaniye, turaza kureba neza muri iki gice uburyo isabato igomba kuziririzwa kuko amategeko icumi y'Imana nta na rimwe rishobora guta agaciro.

2.1. Yesu yabambwe azize gukora ku isabato no kwiyita Umwana w’Imana (Yoh. 5:18)

Kubera ko Yesu yahoraga azirura isabato ndetse akita n’Imana ko ari Se (Yoh. 5:16-18), uburakari Abafarisayo n’abanditsi bagize bwababujije kwihangana. Ku bw’ibyo, bahise barushaho gushaka kumwica.

N’ubwo bamurakariye, Yesu yaravuze ati ni ukuri ibi mbikora kubera ko nabibonanye Data; ati kandi Data yampaye ububasha bwo guca amateka yose no guha ubugingo abo nshaka (Yoh.5:19-22).

2.2. Yesu yatanze uburenganzira ko umuntu yakora ku isabato (Yoh. 5:5-9).

Nk’uko twabivuze, Yesu yategetse umuntu wari umaze imyaka 38 arwaye ahita akira ndetse ahita amuha n’uburenganzira bwo guhita yikorera umuzigo w’uburiri bwe ku muni w’isabato aho kugira ngo amutegeke gutegereza ko isabato irangira maze akabona kwikorera uwo muzigo. Uyu na we ntiyigeze azuyaza,

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

ahubwo yahise ahaguruka yikorera umuzigo agenda abatuye umurwa Yerusalemu bamureba. Abayuda bakimara kubona umuntu wikoreye umuzigo ku isabato, babaye nk'abakubiswe n'inkuba ndetse buzura uburakari. Bashatse kumuhata ibibazo ngo bamenye impamvu yabyo, na we arabasubiza ati uwankijije ni na we wavuze ngo nikorere uburiri ngende n'ubwo ari ku isabato. Abayuda ntabwo bamenye ko Yesu ari Kristo kandi ko afite ububasha bwo guhindura (Yoh.5:8-12). Aha, bigaragara neza ko igikorwa cyo kwikorera uburiri ku isabato cyababajye abafarisayo hakiyongeraho ko ngo Yesu yahoraga akora bene nk'iki gikorwa ku isabato ku buryo abafarisayo batari gukomeza kubyihanganira (Yoh.5:16). Ibi bigaragaza ko Abayuda bari barafashe Yesu nk'aho akora amakosa yo gukiza no kwikoreza abantu imizigo ku isabato ndetse akaba yaranze kwikosora kuko ngo yahoraga akora bene nk'ibyo ku isabato.

Yesu yaraberuriye arababwira ati yego ni ku isabato, ariko uretse na njye na Data ubu tuvugana arimo arakora (Yoh.5:17). Aha, Yesu

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

yongeyeho ko mu byo akora byose nta na kimwe akora atarakibonanye Data (Yoh. 5: 19). Nk'uko Pawulo yavuze ko iminsi yose uwavuga ko ireshya nta cyaha yaba akoze, ibi bigaragaza ko mu isezerano rishya, uburyo bwo kuziririza isabato butandukanye n'ubwo mu rya kera ubwo yategetse umuntu kwikorera uburiri ku isabato ndetse na Pawulo akaba yaragaragaje ko nta muni uruta iyindi (Abar. 14:5-6).

Ikindi duhamya tudashidikanya ni uko Yesu ari we nzira n'ukuri n'ubugingo. Ku bw'ibyo, twemeza tudashidikanya ko abashaka kugera mu bugingo buhoraho bagomba kugera ikirenge mu cye. Nuko rero, niba Yesu yaranze kuzirikwa n'isabato nta mpamvu y'uko twe twazirikwa na yo niba tugomba gukurikira Yesu, gukora nk'uko yakoraga no kugenda nk'uko yagendaga.

Ikigaragara rero, ni uko nyuma y'amasengesho yo ku isabato nta mpamvu yabuza umuntu gushyira akazigo ku rutugu ngo akomeze gahunda ze nk'uko umurwayi yarangizaga gusengerwa na Yesu agahita ashyira agatwara ke ku mutwe agataha.

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

N'ubwo bimeze bityo, nta na rimwe kwirenga iminsi irindwi udakandagira mu rusengero abakorera Imana by'ukuri bazareka kubirwanya (Heb.10:25) dore ko ubutumwa Pawulo yahawe bugaragaza ko buri wese yemererwa kwihitiramo umwe mu minsi irindwi azajya aboneka imbere y'Imana (Abar. 14: 5-6). Bityo rero, kubahiriza uwo munsu ukaboneka imbere y'Imana, ntaho bitandukaniye no kubahiriza isabato nk'uko Pawulo yahamije ko buri wese yahitamo umunsu ashaka agashima Imana (Abar. 14:5-6).

2.3. Iminsi yose irangana, nta wuruta iyindi

Pawulo yaje kugaragaza mu rwandiko yandikiye Abaroma ko hari urobanura umunsu umwe akawubaha akawurutisha iyindi na ho undi we akubaha iminsi yose akayihwanya (Abar. 14: 5-6). Aha, byagaragaye neza ko Pawulo yahamije ko nta muntu wakagombye kubishidikanyaho ngo abe yacira undi urubanza kuko ubikora wese aba akorera Imana apfa gushima Imana uko bikwiriye.

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Bityo, Pawulo agaragaza ko gucira umuntu urubanza ushingiyeye ko atubaha umunsi runaka nta shingiro na rito bifite. Pawulo akomeza avuga ko ibyo kubaha umunsi runaka ukawurutisha iyindi nta mumaro na muto bigira mu kurwanya irari ry'umubiri. Ibi bintu byose umuntu yubahiriza kandi bitabasha kurwanya irari ry'umubiri, Pawulo yavuze ko ari ubwenge abantu bashyizeho kugira ngo bihimbire uburyo bwo gusenga, ko ari amategako n'inyigisho by'abantu (Abakol.2:16-23). icyakora muri ayo magambo, Pawulo yahamije ko aya ari amategako y'imihango ya ba sogo-kuruza yo mu isezerano rya kera tutakagombye kuyoboka (Abakol.2:8,20). Ibi byose, Pawulo yatangiye avuga ko ari ubushukanyi bw'amagambo yoshya (Abakol.2:4). N'ubwo hari uwabyumva ukundi, umwanditsi wa Bibiliya yashyize kuri uwo murongo umutwe w'amagambo ugaragaza ko izi ari imbuzi ku byerekeye inyigisho z'ibinyoma.

2.4. Yesu yaraturuhuye ariko Abayuda bo baracyashidikanya

Ubwo Yesu yakuragaho bimwe mu byari bigize amategeko n'imihango ya kera, yahise yerurira intumwa zose ko ari we Kristo (Mat.16:16) kandi yagaragaje ko mu isezerano azanye, umuntu ashobora kwikorera umuzigo ku isabato (Yoh.5:8-9) maze bamubaza impamvu akababwira ati n'ubwo ari ku isabato na Data ntabwo yahagaritse akazi (Yoh.5:17-18) ndetse anabagira inama y'uko batakagombye gushidikanya ku byo yigisha kuko ibyo akora n'ibyo avuga byose yabikomoye kuri Data (Yoh. 5:19). Iri hinduka rya bimwe mu bigaragara mu isezerano rya kera ryagoye benshi kubera ko ryari ibanga ryahishwe kuva kera nk'uko urwandiko Abaroma bandikiwe rubigaragaza (Abar.16:25; Mat.13:35). Uwavuga wese ko Yesu atahinduye uburyo isabato igomba kujya iziririzwa, byamugora cyane gusobanura ukuntu yaba yarategetse umuntu kwikorera umuzigo ku isabato (Yoh.5:8-9) aho gutegereza ko isabato irangira akabona kwikorera uburiri

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

bwe. Byamugora kandi gusobanura ukuntu Yesu ndetse n'intumwa ze nta n'umwe wigeze avuga ko tugomba kuziririza isabato dore ko Pawulo we yavuze ko mu minsi yose nta muni n'umwe uruta iyindi (Abar.14:5-6).

Nk'uko ibarura ry'abatuye igihugu cya Isirayeli mu gihe cya vuba ribigaragaza, na n'ubu abenshi banze Kristo bagundira idini y'Abayahudi: 80% ni Abayahudi, 15% ni Abayisilamu, 5% ni Abakirisitu¹

Ibi ntawe byatangaza kuko Yesu yavuze ati umuhanuzi ntabura icyubahiro keretse mu gihugu cy'iwabo no mu nzu yabo (Mat.13:57). Arongerera ati kubera ko abo ku mpera y'isi bemeye kwihana ubwo bumvaga kwigisha kwa Yona na Salomo, bazahaguruka ku muni w'amateka batsindishe Abisirayeli kuko banze kwihana kandi uruta Yona na Salomo yarahanuye ahagaze hagati muri bo (Mat.12:39-42). Ikibabaje ni uko Abisirayeli

¹ MARTINEAU, F. et RENALD, J.: La nouvelle géographie universelle illustrée, 1985, p.250.

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

bamwanze kandi ari bo bonyine yari yaratumweho (Mat.15:24).

Natekereje kuri uyu mubare 5% numva umutima wanjye urahagaze. Ibi byatewe n'uko muri 5% natekereje ko haba hakubiyemo amadini ajya gusa n'ayo tuzi nk'abagatolika, abadivantisiti, abametodisiti, ababatisita, abaporoso, abapantekoti, n'abandi. None se ko ijambo ry'Imana rivuga neza ngo abayoborwa n'Umwuka ni bo bana b'Imana, muri aba 5% abayoborwa na wo ni nka bangahe ? (Abar. 8:14; Abagal. 5:16,25). Ubwo se muri Isirayeli yose abayoborwa n'Umwuka ni nka bangahe niba 80% barahakanye Yesu, 15% bakaba ari Abayisilamu na ho umubare 5% ukaba usaranganyijwemo amadini atagira ingano dore ko amwe muri ayo madini yitwa ko ari abakirisitu nyamara akaba atemera imikorere y'Umwuka cyangwa se akaba yemera ko umugabo ashyingiranwa n'undi mugabo ?

N'ubwo bimeze bityo, Yesu yabivuze hakiri kare ati Mugire umwete wo kunyura mu irembo rifunganye: ndababwira yuko benshi bazashaka kurinyuramo ntibabibashe (Lk 13:24).

2.5. Isabato yo kutagira icyo ari cyo cyose wakora izongera kubaho ari uko tuvuye mu isi (Heb. 4:7-11).

Uretse no kuba Yesu yarategetse ko umuntu yikorera umutwaro ku isabato ndetse no mu mategeko yatanze isabato ntayivugemo nk'uko twabibonye (Mat.19:16-18; Lk.18:18-20; Mar. 10:17-19), abantu benshi, iki gikorwa cya Yesu cyo kuzirura isabato bakomeje kukivugaho.

Aha twavugamo urwandiko rwandikiwe Abaheburayo ko hakiriho uburuhukiro bubikiwe abantu b'Imana binjiramo iyo baruhutse imirimo yabo hano mu isi. Aha bigaragara ko ari uburuhukiro buri wese yinjiramo iyo amaze kwitaba uwo yakoreye [abenshi bavuga ko ari ukwitaba Imana]. Icyo gihe rero, buri wese aruhuka imirimo ye nk'uko Imana yaruhutse imirimo yayo. Iyi sabato twese tuzayinjiramo keretse abo impanda izavuga bakiri ku isi (1Abakor.15:51-52).

2.6. Abaziririza iminsi basubiye inyuma mu bya kera

Pawulo na we, amaze gucengerwa n'ijambo rya Kristo wazanye isezerano rishya, yamaganiye kure umuntu wese uzacira mugenzi we urubanza ku byo kuziririza imboneko z'amezi n'amasabato kuko Yesu yasize abiziruye ku mugaragaro (Abakol. 2:16).

Pawulo arahakana ati mwirinde hatagira ubashukashuka akabigisha gukora ibyo mu Isezerano rya Kera bidakurikiza ibyo Kristo yigishije (Abakol.2:8). Pawulo kandi yongeye kubabazwa n'uko Abagalatiya bari barongeye gusubira inyuma bakongera kuziririza iminsi, amezi, ibihe n'imyaka. Ku bw'ibyo, yavuze ko ibyo yabigishije abonye ko yaruhijwe n'ubusa kubera ko basubiye mu bya kera bidafite imbaraga (Abagal. 4: 9-11).

2.7. Gusenga ku cyumweru byatangiye ryari, bitangizwa na nde ? (Ibyak.20:7; 1Abakor. 16:2 ; Mat. 28:1)

N’ubwo nta muntu utakwibaza ati gusenga ku cyumweru byatangiye ryari kandi bitangizwa na nde, ntabwo ndi buze kwinjira mu byajyaga bikorwa ku cyumweru mu isezerano rya kera.

Yesu yazutse ku cyumweru ari wo munsu bakunze kwita ko ari ku wa mbere w’iminsi irindwi. Kuri uwo munsu, intumwa zagize akamenyero ko kujya ziterana ku buryo bigaragara ko zagiye zisangira ifunguro ryera ndetse bamwe mu bizera bagahabwa inshingano (1 Abakor. 16:3).

Icyakora, Yesu we yasengaga iminsi yose ndetse ku isabato akaza mu isinagogi kugira ngo ahahurire n’abakeneye ijamba ry’Imana abone uko abigisha iby’ubwami kuko ari wo munsu bari baramenyereye ko bagomba kuza mu nzu y’Imana (Lk.21:36; 18:1; 1Abakor.5:17; Heb.10:25).

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Iyo tugiyeye mu zindi ndimi, dusangamo amateka atandukanye abazi izo ndimi bagenderaho mu gusesereza bamwe mu basenga kuri icyo minsi. Nk'uko tubisanga mu inkoranyamagambo (*Dictionnaire*) yanditswe na *Centre National de Ressources Textuelles et Lexicales* (CNRTL)², iminsi igize icyumweru isobanuye mu buryo bukurikira:

Ku cyumweru, Sunday mu cyongereza, dimanche mu gifaransa.

Sunday (*day of the sun*, umunsi w'izuba). Abashaka gusesereza bavuga ko abasengaga izuba bajyaga basenga kuri uwo munsi wo ku cyumweru (*Sunday*) maze bagashaka kumvikanisha ko gusenga ku cyumweru byaba bifitanye isano n'abo bantu basengaga izuba bityo bagashaka kwangisha abantu uwo munsi no kubatera ubwoba ko gusenga ku cyumweru byaba ari ubuyobe.

Tugiyeye mu gifaransa, ijambo *dimanche* rikomoka ku kilatini *dies dominicus* cyaje

² <http://www.cnrtl.fr/etymologie/>, 30 avril 2011

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

guhinduka *diemenche* bisobanura ngo “umunsi w’Umwami”. Aha ho nta na hamwe bahera basesereza.

Ku wa mbere (Monday mu cyongereza, Lundi mu gifaransa).

Monday (day of the moon), umunsi w’ukwezi.
Lundi (Lunis dies, jour de la lune), umunsi w’umubumbe uzenguruka isi witwa ukwezi.
Aha bigaragara ko uwasenga ku wa mbere we bamusesereza ko yaba asenga ukwezi.

Ku wa kabiri (Mardi mu gifaransa)

Mardi (martis dies, jour de Mars), umunsi w’umubumbe uzenguruka inyuma y’izuba witwa Marisi;

Ku wa gatatu (Mercredi mu gifaransa).

Mercredi (mercuri dies, jour de mercure), umunsi w’umubumbe uzenguruka izuba witwa Merikire.

Ku wa kane (Jeudi mu gifaransa).

Jeudi (Jovis dies, jour de Jupiter), umunsi w'umubumbe uzenguruka inyuma y'izuba witwa Yupiteri.

Ku wa gatanu (Vendredi mu gifaransa).

Vendredi (Veneris diem, jour de Vénus), Umunsi w'umubumbe uzenguruka inyuma y'izuba witwa Venusi.

Ku wa gatandatu (Saturday, mu cyongereza).

Saturday (Dies Saturni, jour de saturne), Umunsi w'umubumbe uzenguruka inyuma y'izuba witwa Saturune.

Uwasesereza yavuga ko abasenga ku wa gatandatu baba basenga uwo mubumbe.

Aha rero, bigaragara ko uwagendera ku nkomoko y'iminsi mu zindi ndimi yasanga iminsi yose ifite inenge. Abashingira ku nkomoko y'amazina y'iminsi mu ndimi z'amahanga bashaka gusesereza birumvikana neza ko nta shingiro na rito bafite. Ayo mazina y'iminsi igize icyumweru uko ari irindwi

bigaragara ko yagiye atangwa bashingiye ku kwezi, izuba ndetse n'imibumbe yo mu kirere izenguruka inyuma y'izuba cyangwa igaragiye izuba.

2.8. Uwazanye isezerano rishya, yatumye isabato idakomeza kubera abantu umuzigo

Nk'uko tumaze kubibona, Yesu , intumwa ze n'abandi banditse Isezerano Rishya bose hatavuyemo n'umwe barinze bapfa nta wigishije ko tugomba kuziririza Isabato. Uretse n'ibyo, nta n'umurongo n'umwe w'Isezerano Rishya udutegeka kuyiziririza. icyakora, Pawulo yagaragaje ko iminsi yose ingana ndetse ko nta muni uruta iyindi (Abar. 14 :5-6) mu gihe Yesu we yabwiye umuntu ngo niyikorere umuzigo ku isabato (Yoh.5 :8-9). Ibi bikomeje kugaragaza ko Uwazanye "Isezerano Rishya" yagabanije uburemere bw'isabato kuko yakomeje kubera abantu umuzigo kuva kera ndetse na n'ubu abayivuga bakaba batabasha kuyishyitsa nk'uko kera byasabwaga.

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Nuko rero, gusenga ku isabato, nta cyaha kirimo kandi gusenga ku wundi muni utari isabato na bwo nta cyaha kirimo. icyakora, Yesu we yatwigishije ko twakagombye gusenga iminsi yose aho gusenga rimwe mu cyumweru (Lk.21:36; 18:1; 1Abates.5:17; Heb.10:25; Yes.62:6). Ku bw'ibyo, umuntu wese wemera kwirenga iminsi irindwi atabonetse mu rusengeru, yakagombye kumenya ko inzira arimo ishobora kuba yerekeza i gehinomu kuko nta muni n'umwe wo kuruhuka no kuboneka mu nzu y'Imana aba agifite.

Yesu amaze gupfa, hari abagore baruhutse ku isabato nk'uko byari byarategetswe mu isezerano rya kera (Lk. 23:56). Nyuma yaho ku muni wa 50, bigaragara ko ari bwo intumwa zimaze kwambara Umwuka Wera zahishuriye rubanda, abigishwa ndetse n'isi yose mu itangazo rikomeye ko uherye uwo muni buri wese ushaka ubugingo ategetswe kubahiriza isezerano rishya uwapfuye akazuka yasize atanze (Ibyak.2:14; 2:37-39; Mat.28:18-20.). Guhera uwo muni, zatangiye guhishura ibyo

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Yesu yari yaragiye azibwirira mu bwihereho kugira ngo isezerano rishya ryose rimenyeshwe amahanga (Mat.10:27). Ibi byatumye tugera ikirenge mu cya Yesu wagaragaje ko isabato itagomba gukomeza kutubera umuzigo ubwo yemereraga umuntu kwikorera umuzigo ku isabato amusanze ku irembo ry'umuji wa Yerusalemu ndetse no mu mategeko Yesu yatanze isabato ntayivugemo (Yoh. 5:8-9, Mat. 19:16-19). Ibi byahise bigaragaza ko Yesu yahinduye amategeko (Heb. 7:12; 7:18) ndetse binagaragaza ko kwikorera umuzigo ku isabato bitakiri icyaha kuko isabato yo mu isezerano rishya yari imaze kugaragazwa ko itandukanye n'iyi mu rya kera n'ubwo Abafarisayo byabarakaje cyane (Yoh. 5 :8-10).

Pawulo we amaze kubona impinduka Yesu akoze, yaravuze ati mwirinde abantu babashukashuka bagira ngo babigishe gukurikiza ibyo mu isezerano rya kera bidahuje cyangwa bidakurikiza ibyo Kristo yigishije (Abakol.2:8). Uretse n'ibyo, baduhishuriye ko isezerano rya kera ridahwanye n'irishya (Heb. 8:8-9).

2.9. Itagisi ya Kanyamakenga yatwaye pasiteri ku isabato

Pasiteri yaparitse tagisi ye ku wa gatandatu (ku isabato) kuko yigishaga ati gukora ku isabato ni icyaha. Ageze muri gare, yahasanze itagisi ya Kanyamakenga igiye guhaguruka kandi iranyura imbere y’urusengero pasiteri agiye kuvugaho ubutumwa. Pasiteri yicokamo maze yenda kugera aho aviramo arishyura ariko Kanyamakenga anamubaza isaha amateraniri yabo arangirira n’isaha isabato irangiriraho. Pasiteri yamubwiye ko amateraniri arangira saa saba zuzuye. Kanyamakenga ateze amatwi radiyo ivugira muri ako karere, yumvise pasiteri arimo ahugura abo ayoboye ko gukora ku isabato ari icyaha rwose n’ikimenyimenyi pasiteri yavugaga ko yasize aparitse itagisi ye iwe mu gipangu kugira ngo idakora ku isabato. Kanyamakenga iri jambo yarisamiye hejuru ndetse riramunezeza. Kanyamakenga yahise abyinisha intebe yari yicayeho maze aravuga ati babuze bose ntihazagire uwongera gucaracara mu muhanda ku isabato mbere ya

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

saa kumi n'ebyiri z'umugoroba. Saa saba zuzuye, Kanyamakenga yari amaze guparika ku irembo ry'urusengero rwa pasiteri. Kanyamakenga yahise afata pasiteri amwicaza ku ntebe y'imbere maze itagisi si ukuyipfuka abayoboke bagenda bahekanye. Kanyamakenga ageze mu rugo, iri jambo yarikubise umugore we ati icyagira ngo iminsi yose pasiteri ayigire isabato! Umugore we ati none ko pasiteri n'abo ayoboye baparitse izabo modoka bagera mu nzira bakagenda mu yawe ku isabato, ari wowe n'imodoka yawe mwagendaga mubaweye ari na pasiteri wagendaga mu munyenga ndetse akanabiguhembera ubwo yakwishyuraga itike ku isabato, utakoze ku isabato ni nde?

Kanyamakenga ati ibyo ntubimbaze icyo nzi neza ni uko isabato irangira ku wa gatandatu saa kumi n'ebyiri z'umugoroba kandi uwaparitse iye modoka wese akaba agomba kuza gukodesha iyanjye modoka bitaba ibyo akarara nzira cyangwa akagera iwe amaguru yahiye kubera urugendo. Imodoka yanjye nzajya ndayuzuzura lisansi (essence) kuko muri

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

ayo masaha abantu bavuye gusenga ku isabato bose baba bahagaze ku muhanda imodoka zabaye ingume. Kubera ko itagisi za bamwe ziba zaparitse kugira ngo zubahirize isabato, tuzajya tubatendeka ndetse bamwe muri bo bagende bahekanye! Mu gitondo, nzajya mbajyana gusenga naho guhera saa saba mbagarure ku macumbi yabo; ahubwo pasiteri, nakomeze amfatire iry'iburyo ntihazagire uwica isabato ngo asohore itagisi ye muri ayo masaha.

Umugore arongera arabaza ati harya wambwiye ko ari wowe watwaye pasiteri ari na pasiteri n'abo yigishaga baguhembeye ko wabatwaye ni nde wubahirije isabato? Kanyamakenga ati ahubwo n'iyi tugeze mu nzira lisansi igashira, ndababwira bakazana amafaranga cyangwa bakishyura mbere kugira ngo tubashe kugura lisansi yo gushyira mu modoka kugira ngo tubashe gukomeza urugendo tutarara nzira. Kanyamakenga ati none se ari uwagurishije lisansi, ari njye watwaraga imodoka ari n'uwatanze amafaranga agira ngo tugure lisansi kandi azi neza ko

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

ari ku isabato, ni nde utishe isabato kandi ni nde utemera ko isabato bigoranye kuyubahiriza nka kera ?

Kanyamakenga arongerera ati none se ko natwaye pasiteri mu tagisi yanjye, iyo nanga kuyisohora mu gipangu kubera isabato, pasiteri yari kugera aho agiye kubwiriza ate ko atagira amababa. Kanyamakenga ati icyakora niba wumva ko ari icyaha, uzababwire bajye bage-nda n'amaguru ku isabato kuko kugenda mu modoka kwabo ari byo bituma imodoka yanjye ikora ku isabato, nkabishyura na bo bakanyishyura ku isabato, ngakora ku isabato, nkagura lisansi ku isabato kandi ugurisha lisansi akayigurisha ku isabato dore ko kugura no kugurisha ku isabato Nehemiya yasize abyamaganye (Neh. 10 :31-32).

3. KWENGA NO KUNYWA IBISINDISHA NI ICYAHA ?

Muri iki gice cya gatatu, turaza kubona ko kunywa no kwenga ibisindisha kera byari byemewe. Turabona kandi ko habaho vino z'imitobe cyangwa zidasindisha, turaza kandi kureba ukuntu Timotewo bamwemereye kunywa gake ariko akihanangirizwa ko ako gake kazamukurubanira mu rubanza ku munsu w'amateka.

3.1. Kera, kwenga no kunywa ibisindisha byari byemewe (Itang.9:21-25,Kub.28:7).

N'ubwo ibisindisha byakoreshwaga mu gutamba ibitambo, kwenga no kunywa inzoga byakomeje guteza ibibazo kuva kera nk'uko bigaragara ko Nowa yenze vino aranywa maze arasinda ndetse yiyambika ubusa.

3.2. Kuki Imana yafashe icyemezo kidakuka cyo kwamagana inzoga iteka ryose ? (Itang.9:21-25, Itang.19:31-38, Lew.10:8, Yes.28:7).

Inzoga ni zo zatumye Loti aryamana n’abakobwa be bombi kubera ko yari yasinze atakibasha gutandukanya ikibi n’ikiza. Aba bakobwa be bombi, Loti yababyayeho abana babiri batumye aba sekuruza w’Abamoni n’Abamowabu.

Ibi bibi by’inzoga ni byo byatumye Imana itegeka Aroni n’abana be kutazigera banywa igisindisha icyo ari cyo cyose kugira ngo babashe gutandukanya ibyera n’ibitari ibyera, ibihumanya n’ibidahumanya kugira ngo badapfa.

Aroni n’abana be babujijwe ibyo kubera ko bari abatambyi. Natwe rero, ubwo umwenda ukingiriza ahera cyane h’urusengeru watabutsemo kabiri (Mat.27:51) kugira ngo buri wese yigerereyo, nta wari ukwiriye kunywa igisindisha kuko buri wese ubu ari umutambyi ku giti cye ku bw’ibyaha bye.

3.3. Hari vino zisindisha n'izidasindisha [=Umutobe cyangwa izidahiye] (Lk. 5:37-39, Hos. 4:11, Indir. 8:2, Ibyak. 2:13).

Ubwo Yesu yagaragaje ko vino idahiye ari yo nziza, binagaragara ko ari yo yanywaga(Lk.5:37-39). Aha, yakomeje anenga abanyoye vino ihiye ko bakomeza kubyibeshyaho bakibwira ko vino ihiye ari yo nziza. Uretse izi vino z'imitobe, bigaragara ko habaho vino y'umuce na vino y'ihira zica umutima. Vino rero, zirimo amoko menshi dore ko hari abibeshya bakavuga ko Yesu yatubuye vino zisindisha mu bukwe bw'i Kana kandi ubundi nta muntu wigeze agaragara ko yasinze muri ubwo bukwe, nta warwanye, nta wigeze arara cyangwa aryama ku nzira, nta n'uwigeze yikubita hasi kubera vino dore ko bose bahaze (bijuse) buri wese ku gipimo yashakaga (Yoh. 2:1-10).

3.4. Gusengerera abanywi no kwitabira amakoraniro yabo bifite ingaruka ?

Yoweli ati igihe kizagera abanywi b'inzoga bacure umuborogo (Yow.1:5) na ho Yesu abacira umugani ati bene abo banywi cyangwa abasangira n'abasinzi nzabatungura mbacemo kabiri (Lk.12: 45-46; Mat.24: 48-51; Ibyah.6: 16-17). Uwiteka ati azabona ishyano uha umuturanyi we ibyo kunywa kimwe n'uwo ngeramo ubumara agira ngo amusindishe (Hab.2:15-16), na ho umucamigani we ati ntukabe mu iteraniro ry'abanywi b'inzoga (Imig.23:20). Pawulo we, mu magambo asobanutse neza, yakuriye inzira ku murima abakorinto ati murahirwe ntimugasangire n'umusenzi (1Abakor.5:11).

Maze kwitegereza ibyo byose, nasanze aba bakurikira batazabura guhingutswa imbere y'urukiko: abasinzi, abanywi b'inzoga, abazengaga, abajyaga barangira abandi aho iziryoshye ziri, abashishikarizaga abandi kuzinywa, abaziguriraga abandi, abazikwirakwizaga mu duce dutandukanye, abafashaga

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

abandi kuzenga, abagemuriraga abenzi bazo, abiyemeje kuba abakozi b'abashinzwe kuzenga, n'abandi. Abo bose bicaye mu isoko mburamumaro. Bemeye ko iri soko ribakereza ndetse bemera ko rikereza n'abandi benshi.

Urukiko rusesa imanza kandi nirumara gusesa imanza zose zaciwe n'abana b'abantu, ntiruzabura kwemeza itabwa muri yombi ry'abajyaga bigisha abandi ko kunywa ibisindisha nta cyaha kirimo kugira ngo ijuru ryemeze bidasubirwaho irimbuka rya Babuloni wa murwa wateretse amahanga yose inzoga (Ibyah.18:2-3) no kugira ngo icyifuzo cy'imyuka y'abera iri muni y'igicaniro cyubahirizwe (Ibyah.6:9-10). Abakuru n'ibizima bazikubita hasi kubera ibyishimo no kuramya Imana ku bw'irimbuka rya Babuloni (Ibyah. 19:4). Abanyabyaha nibarimbuka, abo mu ijuru bazabyishimira ndetse bavuge bati Mana, amateka yawe ni ay'ukuri (Ibyah.16:5-7) dore ko ibyo ari byo imyuka y'abera izaba yarashakaga kuva na kera (Ibyah. 6:9-10).

3.5. Abajya banywa ntibasinde hari icyaha bazashinjwa ?

N'ubwo kwigira intwari mu byo kunywa ibisindisha bifite igihano biteganyirizwa (Yes.5:22-23), n'ubwo bene Yonadabu banze kuzigera bakoza igisindisha mu kanwa kabo mu buzima bwabo bwose (Yer. 35:14) ku bwo kumvira kugira ngo babashe gusohozza neza ibyo gukiranuka, natwe ubwo umwenda ukingiriza ahera cyane watabutse mo kabiri kugira ngo buri wese yigerereye cyangwa kugira ngo buri wese abe umutambyi ku bw'ibyaha bye (Mat.27:51), buri wese yakagombye guca igisindisha mu kanwa ke kugira ngo igitambo cya buri wese kitagira inkomyi.

3.6. Timotewo bamwemereye kuja anywa gake kubera uburwayi ariko amenyeshwa ko bizamukururira mu rubanza (1Tim. 5:23-25).

Ikigaragarira buri wese ni uko gukurikira Imana nta gahato karimo. NK'uko Timotewo yifuje

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

kujya anywa gake kubera uburwayi ni nako hari abandi benshi bavuga ko bakomeje idini yabo yo kunywa gake cyangwa se bakanywa bihishe amaso y'abantu. Pawulo yanze kumuhata ahubwo amuhishurira ko ibyaha bye bigaragaye hakiri kare ndetse amwihanangiriza avuga ko nta cyahishwe kitazahishurwa. Ibi bikagaragaza ko n'abagiye bazinywa bihishe batazahishwa iteka.

Uretse rero na Timotewo, hari benshi Imana yagiye yemerera gukora ibyo bishakiye kubera ko imitima yabo yari inangiye, Yesu ageze mu isi arabihanangiriza (Mat.19:8, Ezk.20:39).

3.7. Kunywa igisindisha bitandukaniye he no kunywa ikiyobyabwenge ?

Kunywa cyangwa kurya si icyaha.

Icyakora, uko byaba kose, kurya cyangwa kunywa ibiyobyabwenge nta na rimwe bitakwitwa icyaha (Lk. 12 :45-46). Ingero ziri hafi ya buri wese, kuko no mu buzima busanzwe buri wese abona abahora mu ndwano zidashira babitewe n'inzoga, abamara guta

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

ubwenge kubera inzoga bakitiranya igishyitsi n'umuntu wicaye, abayoba inzira ibageza ku mago yabo cyangwa bakaryama ku nzira nk'imirambo. Inzoga rero ifite ububasha bwose bwo kuyobya ubwenge nk'uko n'ibindi biyobyabwenge byose biteye.

Aha rero, nta tandukaniro na rito wasanga hagati y'umusinzi, umusazi n'umunywi w'ibiyo-byabwenge (Yes. 5 :11). Ni na yo mpamvu Uwitaka yamaganye kuva kera na kare ko umutambira igitambo agomba kwitandukanya n'igisindisha cyose (Lew.10:8).

Uretse n'ibyo, naritegereje nsanga itandukaniro riri hagati y'abasazi n'abanyabyaha ari rito cyane. Kugira ngo umuntu abyumve neza yakwitegereza ukuntu ibyo bavuga n'ibyo bakora bicurikiranye. Kandi ushaka kubiyumvisha wareba amagambo apfuye cyangwa acurikiranye bavuga, uburiganya buteye agahinda no kwishushanya bagira, ibikorwa bibi bibaranga kugeza ubwo bamwe muri bo bicana, bagambanirana, bashyira amatiku imbere kubera inda ndende, bashyingiranwa bahuje ibitsina, bararana n'amatungo aha hose

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

bwacya bakishushanya ntubamenye kandi bakaririmba amahoro, urukundo, iterambere, n'ibindi. None se umuntu uririmba amahoro bwacya agakuraho undi ijosi cyangwa akaryamana n'itungo, yarangiza akambara ikoti na karuvati akajya mu bandi ndetse agafata ijamba, utamwise umusazi ubwo umusazi wazavuga ko bisobanura iki ?

Njyewe naritegereje nsanga umunyabyaha ari umusazi ufite ubwenge bwo kwishushanya kugira ngo yihishe mu bantu bazima.

Reka dufatire ku mugabo witwa Polikaripe. Yafashe telefoni ahamagara i Bugande avuga ko Nyirandutiye yapfuye. Abantu batanga amafaranga y'amatike kandi baja mu cyunamo baza gutabara. Bageze kwa Nyirandutiye, basanga Nyirandutiye ari gutera ibishyimbo muni y'urugo. None se Polikaripe tuvuge ko atari umusazi ? Niba atari umusazi, hari ikintu yaba yari abuze mu mutwe kandi ubundi abitwa abasazi ni abafite ikintu babuze mu mutwe.

3.8. Ibya Pawulo birimo ubwenge bwinshi utabyitondera yayoba akarimbuka (2Pet.3:15-16).

Ibyo Pawulo yanditse hari benshi koko bagenda babigoreka bakikururira kurimbuka nk'uko Petero yabivuze. Benshi babyuririraho bakuruwe n'irari ryabo kugira ngo barombereze mu nzira nk'iya Gahini.

4. NI NDE UKWIRIYE GUPFUKAMIRWA, NI NDE UKWIYE GUSENGWA ?

N’ubwo hari Abahamya batandukanye bagenda bavuga ko gusenga Yesu ari ubuyobe, bakongera bati kuvuga ngo Yesu ashimwe ni ubuyobe, muri iki gice turaza kubona ko abo mu ijuru iyo babonye Umwami Yesu bamupfukamira, bakamuhimbaza ndetse bakamuha ishimwe. Turaza kureba kandi abavuga ko Umwuka Wera yabaga mu isi mu gihe cy’intumwa none akaba atakiba mu isi niba bafite ishingiro. Turaza kandi kureba niba abantu bazaba muri iyi si turimo izahindurwa nshya cyangwa niba tuzabana n’Imana.

4.1. Ni nde ukwiye gusengwa (1Abakor.1:2) ?

Hari abavuga ko gusenga no gupfukamira Kristo ari ubuyobe. Bakavuga ko gusenga Yesu tugomba kubireka tugasenga Data wa twese (Yehova).

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Iyo dusomye ibyanditswe byera, dusanga Sitefano yarasengaga Umwami Yesu (Ibyak. 7 :59-60). Sitefano asenga Yesu, ntabwo yibeshye kuko handitswe ko yari yuzuye Umwuka Wera (Ibyak.7:55). Abatemera kumusenga, igihe kizagera abemeze ndetse abategeke ko bamupfukamira kugira ngo na bo bahamye ko ari Uwituka (Abafil.2:9-11; Yuda 14-15). icyo gihe abazaba banesheje bazabona ko ibyo bintu bikaze bibatere gushishwa (Yes.66:22-24). Iby'imigaryo bizaba byashize n'imbabazi zitakiriho.

Uretse n'ibyo, abo mu ijuru iyo babonye Umwami Yesu baramupfukamira, bakamuhiimbaza ndetse bakamuha n'ishimwe (Ibyah.5:7-14). Aha rero, umuntu yakwibaza ku madini abuzanya kuvuga ngo "Yesu ashimwe" aho yaba yarakuye izo nyigisho. None ko abo mu ijuru bapfukamira Umwami Yesu, twebwe twabuzwa n'iki ? Abo mu ijuru ko bavuga ko Yesu akwiye guhimbazwa, twebwe twabirwanya twishingikirije iki ?

Nuko rero mu isi yitwa Umwami no mu ijuru akitwa Umwami (Mat.28 :18). Afite icyubahiro

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

n'imbaraga by'Uwiteka (Mik.5:3). Aho ikibazo kiri ni aha : ko ari we uzatuzura, abanze kumuhimbaza bazazurwa na nde ? (Yoh.6:39; 17:2; Yes.60:12). Yesu yaratuguze nk'uko umuntu yajya mu isoko (ry'i Gologota) akagurayo itungo akariragira aho ashaka (1Abakor.6:19-20; 7:23; Yoh.10:26-28; 17:2,6) kandi nta rindi zina twahawe abari mu isi tugomba gukirizwamo (Ibyak.4:12). Iyi ni yo mpamvu Yesu yavuze ati Umuntu nankorera, Data azamuha icyubahiro (Yoh.12:26). Aha, ibyanditswe bivuga neza ko turi abakozi cyangwa abagaragu ba Yesu. Yesu akiri mu ijuru yari ahwanye n'Imana, aje mu isi asiga icyubahiro, asubiyeyo byose bisubira mu maboko ye (Abafil.2:6-8).

Abantu bose bagombye guha icyubahiro Yesu witwa Kristo kuko ari na we uzacira imanza abari mu isi bose kandi uwo azabona ko atamwubashye azamuciraho iteka (Yoh.5:22-29). Nk'uko tumaze kubona ibihamya byinshi, impungenge nizirangire kuko upfukamira Yesu witwa Kristo, aba apfukamiye Data wa Twese, usenga cyangwa uwambaza Yesu witwa Kristo,

aba yambaje kandi aba asenga Data wa Twese [Yehova] (Yoh.14:8-9 ; 13 :20).

4.2. Yesu ni Imana Ikomeye kandi ni Umuremyi wa byose (Yes. 9:5 ; Imig.8:27-30 ;Yoh.1 :1-3).

Yesu nta bubasha na bumwe adafite bwaba ubwo mu isi cyangwa ubwo mu ijuru ni yo mpamvu bahanuye ngo azitwa Data wa twese, yitwe Imana Ikomeye (Yes.9:5 ; Mat.28:18), nta na kimwe kitaremwe na we (Imig.8:27-30; Yoh. 1:1-3), kandi yabwiye Filipino ati ntukongere kubaririza kuko iyo umuntu ambonye aba abonye Data wa Twese ; none ni iki gituma ushaka kureba Data wa Twese kandi uri kundeba ? N’igihe twahereye tubana ntabwo unzi koko ? (Yoh.14:8-9; 20:28). Toma na we amaze kugira ukwizera, yahamije ko Kristo ari Umwami akaba n’Imana ye (Yoh.20:28). Ibi byakomeje kugaragaza ko Yesu yamaze kwegurirwa byose. Arongerera ati njye na Data turi umwe (Yoh.10:30). Icyakora bigaragara ko

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Iyamweguriye byose ko yo itibariyemo (1Abakor.15:27).

Ni ukuri, kumwizera ntabwo twibeshye (Yoh. 6:28-29). Hari byinshi tuzi kuri Kristo Yesu bigoranye gusobanurira abadafite Umwuka (Heb.5:11) kandi hari abigisha b'ibinyoma badutse mu Bisirayeli batukisha inzira y'ukuri (2Pet.2:1-3). Abo bigisha banatubereye inkoni y'urubingo (Ezk.29:6-7; 13:11).

4.3. Abantu bazabana n'Imana. Imana ubwayo izaturana n'abantu (Ibyah.21:1-3).

Bigisha ko tuzaba mu isi nshya tukagira abagore beza, tugahinga tukeza, tukorora amatungo abyibushye, tukubaka amazu meza ariko Yesu ati nta bagore bazongera kubaho ahubwo tuzabaho nk'abamalayika (Lk.20:35-36). Abamalayika ntibahinga, ntiborora, ntibarongora kandi ntibubaka amazu. Yohana mu kirwa Patimo ubwo yerekwaga abera, nta tungo yigeze abonamo (Ibyah.7:9-10). Abanesheje bazaba mu isi nshya, Imana ubwayo izaturana n'abantu, kandi Imana

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

ubwabyo izabana n'abantu (Ibyah.21:1-3). Ubwo ururembo rwera Yerusalemu ruzamanuka, Ihema ry'Imana rizabana n'abantu kandi Imana izarema indi si nshya n'ijuru rishya. Abanesheje bazibera mu rusengeru rwayo kandi ntibazongera gusohoka ukundi (Ibyah. 3:12). Kubera ko bazaba banditsweho izina ry'ururembo rwera Yerusalemu, bigaragaza neza ko bazabana n'Imana kandi ko bazaba banafite ubwenegihugu bw'urwo rurembo. Uretse n'ibyo, ruzaba rwararimbishirijwe umugeni (Ibyah.21:2). Abanditswe mu gitabo cy'ubugingo bazaba muri urwo rurembo Imana n'Umwana wayo babe urusengeru (Ibyah.21:22-25). Niba abantu bazabana n'Imana, bakagira ubwenegihugu bwa Yerusalemu ndetse bagahabwa ububasha bwo kugenzura isi, irindi juru twaburana ni irihe ? icyakora urwo rurembo tuzabamo nta wavuga ko ruzaba ruri muri iyi isi turebesha amaso yacu kuko iyi si n'ijuru turebesha amaso bizayonga cyangwa se bizaba byashize (Ibyah.21:1-3, 2Pet.3:10-13). icyo gihe, iyi si

dutuye n'ijuru tubona ntabwo bizongera kwibukwa cyangwa gutekerezwa (Yes. 65:17).

Uwiteka ati abantu bazahora imbere yanjye uhereye tariki ya mbere y'ukwezi ukageza ku tariki ya mbere y'ukundi kwezi; icyakora, hari igihe bazajya basohoka bajye kureba uko ibiri kubera hanze bimeze (Yes.66:23-24).

4.4. Hari abahamya ko Umwuka Wera yabaga mu isi mu gihe cy'intumwa none ubu ngo akaba atakiba mu isi kuko ngo yasubiye mu ijuru. Ibyo ni byo ?

Mu itangazo Petero yashyize ahagaragara, bigaragara neza ko abazahabwa Umwuka Wera ari abantu bose ndetse n'abazizera Umwami Yesu nyuma yaho. Yongeyeho ko ndetse n'abari kure na bo bazawuhabwa kuko iryo ari isezerano no ku bari kure bose ndetse n'abandi bazahamagarwa hanyuma n'Umwami Yesu (Ibyak.2:39). Uretse n'ibyo, Petero atubwira neza ko abadafite uwo Mwuka bameze nk'ibyatsi bisa (1Pet.1:24), na ho Pawulo we ahamya neza ko abafite imibiri n'amaraso bisa

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

batabasha kuragwa ubwami bw'Imana (1Abakor.15:47,50 ; Yoh.17:20). Umwuka Wera rero abaye yarasubiye mu ijuru, twaba twarasigaye tumeze nk'ibyatsi bisa. Nk'uko tumaze kubibona, twaba tudashobora no kuragwa ubugingo kuko ibyatsi bidategereje kuzuka ubwo abapfuye bazazurwa.

5. IMFATIRO ZIJEGAJEGA

Bamwe bati ni Yesu ukwiye gusengwa, abandi bati ni Umwana na nyina Mariya, abandi bati aha tugomba no kwitabaza abatagatifu ndetse urugamba rwaba rurushijeho gukara tukabwira na malayika murinzi na we akongeraho ize mbaraga. Muri iki gice cya gatanu, turaza kureba ingaruka zo kwiyambaza abatagatifu, malayika mulinzi na Mariya. Turareba kandi ibyo gusabira abapfuye kugira ngo Imana ibababarire ibyaha bakoze bakiri mu isi, turareba niba Mariya yarabyaye abandi bana cyangwa niba yarakomeje kuba umwari, turareba ibyo kubatiza ku gahanga, kubatiza impinja na purigatori y'ibyaha bikeya. Turaza kureba kandi imvugo ngo intungane bwira icumuye karindwi n'imvugo ngo nta dini itazabonekamo umugeni.

**5.1. Urufatiro rwashyizweho ni uruhe ?
(1Abakor. 3:10-11).**

Urufatiro rwashyizweho ni Yesu Kristo gusa. Mu rwandiko rwe, Pawulo yihanangirije abantu bose ati buri wese yirinde uko yubakaho kuko nta rundi rufatiro umuntu yabasha gushyiraho. Bityo rero, urwo rufatiro ntabwo ari Kristo guteranyaho Mariya, abamayika cyangwa abatagatifu bo mu ijuru dore ko ushobora kwibwira ko runaka yagiye mu ijuru nyamara Imana itarigeze imwemera kuko hari byinshi abantu bakorera ahiherereye.

Ni na yo mpamvu Sitefano ubwo yageraga mu kaga yahise asenga ahamagara Kristo Yesu ntiyagerekaho Mariya (Ibyak. 7:54-60). Uretse n'ibyo, Pawulo yabisobanuye neza ko hariho Imana imwe hakabaho n'umuhuza umwe uhuza Imana n'abantu ari we Yesu Kristo (1Tim.2:5); kugerekaho ba Mariya, abatagatifu na ba mayika murinzi rero, byaba ari ukwishakira inyigisho z'impimbano kuko twaba tuvuguruza Pawulo ndetse twaba dushyizeho imfatiro nyinshi n'abahuza benshi mu gihe

urufatiro twahawe ari rumwe n'Umuhuza akaba umwe gusa.

5.2. Yohana na Mariya nyina wa Yesu umukuru imbere y'Imana ni nde ? (Mat. 11:11)

Imbere y'Imana, Mariya ari mu bo Yohana aruta n'ubwo bwose Mariya yabyaye Yesu mu buryo bw'umubiri. Ibi rero bigaragaza ko uwakwambaza Mariya yakagombye guhera nibura kuri Yohana kuko Yohana we aruta abantu bose babyawe n'abagore kandi Mariya na we ari mu babyawe n'abagore nk'uko bigaragara mu gitabo cya Matayo.

5.3. Malayika mulinzi

Mu nshingano za malayika murinzi (Mat. 18 :10), nta hantu dusanga ko tugomba kumwiyambaza nk'uko na Sitefano na we atamwiyambaje. Uwamwiyambaza wese yaba yirengagije ko dufite urufatiro rumwe n'Umuhuza umwe (1Tim. 2 :5 ; 1Abakor.3 :10-11).

5.4. Ingero za zimwe mu mfatiro zijegajega

Nazengurutse bibiliya inshuro ebyiri ibi bikurikira nsanga nta hantu byanditse:

1^o Imvugo ngo «Intungane bwira icumuye karindwi» yinjiye muri benshi. Yahimbwe n'abacengezi b'itorero kugira ngo bikure mu isoni igihe bafatiwe mu cyuho. Hari abantu bahangara bakavuga ko Yesu ari we wazanye iyo mvugo.

2^o Kubatiza impinja : Yohana we yabatizaga abantu bakuru kuko babanzaga kwigishwa no kuvuga ibyaha byabo. Bityo, umubatizo tubatizwa twawuzaniwe na Yohana kandi awita uwo kwihana (Mar. 1 :4-5; Ibyak. 13:24; 19:4).

None se uw'impinja witwa uwuhe ko zitazi kwihana ? Tuwite umuhimbano se ? None se waba ari uw'umurimbo ? Bawuzaniwe na nde ? Ese, imibatizo yaba ari ibiri ? Pawulo yahamije ko umubatizo ari umwe (Abef. 4 :5).

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Nk'uko bigaragara mu gitabo cyitwa *Dictionnaire Philosophique : Œuvres Complètes de Voltaire*, uyu mubatizo ngo watangiye mu kinyejana³ cya 2 hifashishijwe uburyo bwo gushyira amazi ku gahanga kugira ngo impfu z'abana nyinshi zabonekaga zijye zisanga barabatijwe⁴ kugira ngo uwo mubatizo ubakureho icyaha cy'inkomoko.

N'ubwo hari abavuga ko abana bavukana icyaha cy'inkomoko, Yesu we yahamije ko abana nta cyaha bagira ndetse avuga ko abameze nka bo ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo (Mat. 19 :14 ; 18:3). Ntiyari kuba abakekamo icyaha hanyuma ngo ahindukire avuge ko umeze nka bo akwiriye ubwami. Kubabatiza rero uvuga ko uri kubakuraho icyaha cy'inkomoko, byaba ari ukuvuguruza uwavuze ko bakwiriye ubwami.

Ariko ubundi ko Yohana Umubatiza atabatizaga impinja, icyo cyaha cy'inkomoko abana baba baratangiye kukivukana ryari ?

³ <http://www.voltaire-integral.com/Html/17/bapteme.htm>, 30 avril 2011

⁴ FAML: L'éducation citoyenne: Le baptême des enfants, 2010.

3^o Kubatiza ku gahanga : bamwe bati hari ahaboneka amazi nko mu butayu bigatuma babatiza ku gahanga kugira ngo hose babatizwe kandi bikozwe mu buryo bumwe. Muri Isirayeli ko hari ubutayu (Mat. 4:1), kuki Yohana atashyize ku gahanga ahubwo akabwiriza muri Yorodani (Mar. 1:9-10) ? Abandi bati byaturutse ku mwami Konsitante babonye ko batamwinika mu mazi dore ko yabaga yambaye imyenda y'igiciro. Maze ibyegera bye bita natwe rero muradushyira ku gahanga !

Ubwo Yohana yakoresheje ijamba kubatiza, ryakomokaga mu rurimi rw'ikigereki "baptizo"⁵, risobanura "kwibiza" na ho mu giheburayo rikaba "tabal"⁶. Ibi bikaba bishushanya gupfa, gushyingurwa no kuzuka kwa Kristo kuko ubatizwa yibizwa mu mazi [gupfa kw'ibyaha bye maze agashyingurwa] hanyuma akongera akavanwamo [kuzuka

⁵ <http://www.cnrtl.fr/etymologie/>, 30 avril 2011

⁶ BEDARD, P.: Mode de baptême: Baptême par immersion ou par aspersion ?, SD

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

amaze kwezwa no kuba icyaremwe gishya] (Abar.6:3-4 ; Abakol.2 :12 ; 1Pet. 3:21).

Ibi kandi bishushanya ko tuzapfa ariko tukazazuka. Nuko rero, ubatijwe aba ahamije ko yemeye gupfa ku bya kera akazuka ari icyaremwe gishya muri Kristo.

Nta na rimwe rero gushyira cyangwa gusiga amazi ku gahanga byakwitwa kubatiza igihe cyose kubatiza byaba bisonura “kwibiza umuntu”. Uwashyizwe amazi ku gahanga yakagombye kumenya adashidikanya ko atigeze abatizwa kuko kubatiza kwa Yohana bisobanura kwibiza bidasobanura gusiga amazi ku gahanga. Niba dukurikiye Yesu, twakagombye kubatizwa umubatizo nk’uko Yesu yabatijwe. Byari byiza kandi ko dukora nk’uko Yesu yakoze ndetse tukabikora mbere y’uko ufite inkota ityaye mu kuboko kwe kw’iburyo agaruka cyangwa mbere y’uko we n’ingabo ze bashinga ibirenge byabo mu muvure w’inkazi y’umujinya (Ibyah. 19 :14-15) maze tukabatizwa aho guhindagura inzira Yesu yanyuzemo dusigwa amazi ku gahanga cyangwa duhaga-

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

rara mu cyubahiro nk'icy'umwami Konsitante, ibyegera n'ingabo ze.

Yemwe abashaka gukurikira Kristo, nimukurikire Kristo kandi mwemere kwibizwa mu mazi menshi maze mureke abashaka gukurikira umwami Konsitante n'ingabo ze bamukurikire bashyirwa amazi ku gahanga nka we !

Mwirinde ababayobya kuko batazabarengera ku muni w'amateka nk'uko abakurikiye Baali batabashije kurengerwa n'uwabayobeje umunsi bashiriraga imbere ya Eliya kandi bibwiraga ko bari gukora ibyiza ndetse ko Imana iri mu ruhande rwabo kugeza ubwo bemeye kurira no kwitera ibyuma (1 Abami 18:40 ; Ezek. 8 :13-14). Yesu ko yabatijwe mu mazi menshi (Mat. 3:16), wowe uramutse uyabatijwemo byagutwara iki ?

Niba wiyumvamo ko ntacyo bitwaye, Yesu navuga ko hari icyo bitwaye uzahagarara ute ko uzaba uri imbere y'intebe y'imanza kandi ko igihe cyo kwihana kizaba cyarenze ? Yesu yaravuze ati nta mugaragu uruta shebuja (Mat.10 :24). Ubwo Yesu yemeye kwibizwa umubiri wose, kuki wowe wumva ko bagu-

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

shyiraho agatonyanga ku gahanga kugira ngo ukore ibyoroshye kandi uzi neza ko nta mugaragu uruta shebuja? Igifite akamaro ni ugukora nk'uko Kristo yakoze [kwibizwa], ikidafite akamaro ni ukwihangira iyawe nzira kandi iyo Yesu yaharuye nta kintu yakunanijeho mu kuyicamo.

Ni nde urusha Yesu icyubahiro ku buryo atakwibizwa? Hari byinshi byakunaniye Yesu azagufasha kugira ngo ubashe kunesha, none se no kwibizwa na byo birakunaniye? Yesu ati Emera ukore kugira ngo dusohoze gukiranuka kose (Mat. 3:15).

Ko Yesu yavuze ati ijuru n'isi bizashira ariko amagambo yanjye ntazashira na hato (Lk 21:33), kuki ushaka kugabanyaho hato? Nyamara Umwuka yavuze yeruye ati uzagira icyo agabanya ku byategetswe, azakurwa ku mugabane wa cya giti cy'ubugingo no ku wa rwa rurembo rwera (Ibyah.22:18-19).

Uretse ababatiza mu mazi menshi, ababatiza impinja, ababatizwa mu cyimbo cya bagenzi babo bapfuye (1Abakor.15:29) cyangwa se

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

bakabatiza ku gahanga, hari n'amadini akoresha Bibiliya kandi ntakoreshe umubatizo ahubwo akavuga ko kwihana byonyine bihagije. Ayo madini avuga ko kubatiza byabagaho mu gihe cya Yesu gusa⁷ abandi bakitwaza ko ngo Yesu nta mwigishwa we n'umwe yigeze abatiza⁸. N'ubwo hari ayo madini avuga ko umubatizo atari ngombwa, Yesu we yaravuze ati Uwizera akabatizwa, azakizwa (Mar. 16:16 ; Ibyak.22 :16 ; Abef. 5:26). Bigaragara ko uzanga kubatizwa atazashobora gukizwa akaga gategereje abanze kwihana.

Ikigaragara kandi kidashidikanywaho ni uko umubatizo wo ku gahanga atari wo Yohana yakoresheye kandi si wo Yesu yabatijwe. Nadabu na Abihu batubera urugero kuko Uwiteka yabishe abahoye ko bagiye kosa imibavu bakoresheje umuriro Uwiteka atabategetse (Lew.10 :1-2).

Ese twebwe umubatizo tubatizwa ni wo Kristo yategetse ?

⁷ <http://fr.wikipedia.org/wiki/Baptême>, 30 avril 2011

⁸ <http://www.voltaire-integral.com/Html/17/bapteme.htm>, 30 avril 2011

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Abo bose bagiye bazira ikintu kimwe gusa: gukurikira Imana bakoresheje izabo nzira aho gukurikiza ibyanditswe byera. None se wowe wakurikiye Imana ugendeye ku byanditswe byera cyangwa ni ku nyigisho zitagira aho zigaragara mu ijambo ry'Imana ? Garukira aho ugeze kuko gukurikira inzira itagaragara mu ijambo ry'Imana byagejeje benshi mu irimbukiro utazamera nk'abo tumaze kubona kandi waribwiraga ko wakoze neza ndetse waribwiraga ko wakoze ibishoboka byose kugira ngo unezeze Imana nk'uko bariya na bo bakoze ibishoboka byose ngo banezeze Imana. Bararize ndetse bitera n'ibyuma nyamara ntibyagira icyo bibamarira ahubwo baragawa.

Umwami w'abami Konsitante yavukiye mu gihugu cya Seribiya aba umwami w'abami w'Abaroma mu mwaka wa 306 apfa ku wa 22.05.337 amaze imyaka 31 ku bwami. Yabatijwe arwaye mu mwaka wa 337 ari uko igihe cye cyo kuvanwa mu mubiri kigiye kugera. icyakora, yakoreye abakirisitu ibikorwa byiza kandi bikomeye nko guhagarika akarengane

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

k'abakirisitu. Mu binyejana bya mbere, benshi bahitagamo kubatizwa ari uko baketse ko benda gupfa kugira ngo umubatizo ubahanagureho ibyaha ndenga kamere bakoze maze bave mu isi ari abere. Aha twavuga nka Konsitante wari waramaze abantu kugeza ubwo yishe umugore we n'umuhungu we⁹. Urundi rugero ni Amburuwazi wagizwe umwepisikopi wa Milani (Evêque de Milan) atarabatizwa¹⁰.

Abo bose ngo bari bazi ko bavumbuye ibanga ryo kujijisha Imana ukiberaho ubuzima bwose uri umunyabyaha, ukazapfa uri umukiranutsi.

4^o Kuramya no kwambaza Umwari Mariya. Ariko ubundi ni umwari cyangwa ni umugore wa Yozefu (Mat. 1:16)? Kuri uwo murongo, Matayo ubwe yemeje ko Yosefu ari umugabo wa Mariya.

Niba yarasabwe, akaba yarabyaye abandi bana, yakwitwa ate ko ari umwari ? (Abagal.1:19-20).

⁹ FAML: L'éducation citoyenne: Le baptême des enfants, 2010.

¹⁰ <http://www.voltaire-integral.com/Html/17/bapteme.htm>, 30 avril 2011

5^o Purigatori y'ibyaha bikeya. Uretse no mu isezerano rishya, no mu rya kera nta hantu wasanga purigatori y'ibyaha bikeya. Ariko ubundi igihe abisirayeli bahereye bapfira mu butayu, iyo purigatori yaba yarabujijwe n'iki kubaramira iyo iza kubaho ? Abayitegereje, bakagombye gufata abo bisirayeli bakababera akabarore nk'uko tubisanga mu gitabo cya Mose (Kub.14:20-24; Heb.4:3). Aha, Imana yararahiye ivuga ko batazinjira mu ijuru ryayo. None se igihe Yesu yahereye avuga ko hari gehinomu, hari ubwo mwigeze mwumva avuga ko muri yo habamo karitsiye yitwa purigatori y'ibyaha bikeya? Reka muzizere uburuhukiro maze nimugeramo muzasange impande zose ari amakara yaka umuriro (Mar.9:49).

6^o Ishapule. Iyi na yo, uretse no mu isezerano rya kera no mu rishya na ho nta hantu wayisanga.

7^o Kujya mu ijuru kwa Mariya (Dore ko hari n'abizihiza uwo munsu mukuru). Mariya,

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Yitonderaga ijambo ry'Imana ariko nta hantu na hamwe Bibiliya itubwira ko Mariya yaba yaramaze kugera mu ijuru. icyo tuzi ni uko abapfuye Yesu amaze kuzuka bose bategereje impanda ya malayika kugira ngo basanganire Yesu ku bicu niba barapfanye kwizera Kristo (1Abates.4:15-17).

8^o Gusabira abapfuye ngo bababarirwe ibyaha bakoze bakiri mu isi no kwiyambaza abatagatifu ngo badusabire ku Mana. Yohana yatanze imbuzi ku rubyaro rwa Aburahamu (Abafarisayo n'Abasadukayo) ko batagomba kubwitwaza ngo bareke kwihana kuko atabasha kubasabira ngo abaheshe ijuru (Mat.3:9). Nyamutunzi yarahendahenze ngo Lazaro agire icyo yamufasha ariko ntibyagira icyo bimara ku-ko bidashoboka ko uwapfuye atihanye yava mu irimbukiro ngo yinjire mu ijuru (Lk.16:23-28). Niba Aburahamu atabasha kugira uwo asabira, wowe nutihana ukiri mu isi urumva ari nde uzagusabira ijwi rye rikumvikana nyuma yo gupfa kwawe ? Uwumva ko yarusha Aburahamu, azahanyanyaze !

Purigatori y'ibyaha bikeya, gusabira abapfuye, kubatiza abapfuye, kwiiriza ubusa ku bwabo no gutanga ituro ryabo ni ibintu byagaragaye kuva mbere y'ivuka rya Yesu¹¹. Na n'ubu, hari abagenda bagoreka ibyanditswe byera kugira ngo babyurireho bagaragaze ko hariho purigatori kandi ko gusabira abapfuye byagira akamaro.

5.5. Hari abavuga ngo nta dini itazavamo umugeni. Ibyo byaba ari ukuri ? (1Abami 18:40; Ibyah. 2:15).

Bigaragara neza ko hari amadini azabura umugeni n'umwe nk'uko abayoboke b'idini rya baali bose bashiriye imbere ya Eliya. Biragaragara kandi ko hariho amadini Imana itishimira nk'iry'Abanikolayiti n'ayandi. Iyo dufatiye ku bya kino gihe turimo, dusanga amategeko n'ubuhanuzi tugenderaho byara-

¹¹ <http://totus-tuus.over-blog.com/article-24811470.html>, 30 avril 2011

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

hishuwe kugeza ku bwa Yohana (Mat. 11:13). Ibi bigaragaza ko nta bishya bizaza hanyuma kandi ko ibyanditswe byera (= Bibiliya) byuzuye ko nta cyo kongerwamo cyangwa gukosora kuko byihagije mu guhindura umuntu akagera ku gukiranuka gushyitse (2Tim. 3:16-17). None se abo tumaze kubona haruguru baba barihanganaye gukiranuka kwabo ? (Abar. 10:1-4). Niba abigishije ibi tubonye hari ibyo bongeye cyangwa bakosoye ku byo Imana yavuze cyaba ari icyaha gikuru no kubazabakurikira nk'uko Satani n'abakurikiye baali nta n'umwe utegereje kuzarokoka (Ibyah.22:18-19).

Bibwiye ko Bibiliya yera ituzuye maze biyongereraho inyigisho zabo bihimbiye nko kubatiza ku gahanga kandi Yohana yarabatizaga mu mazi menshi, kubatiza impinja kandi Yohana yarabatizaga abantu bakuze, kwamba abatagatifu kandi nawe ubwawe utazi niba baragiye mu ijuru, gusengera abapfuye batihanye ngo bababarirwe ibyaha kandi Yesu yaragaragaje ko bitashobokeye nyamutunzi ko

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Aburahamu amusabira imbabazi igihe nyamutunzi yari amaze gupfa , n'ibindi.

Bamwe muri bo bavuga ko mu iyandikwa rya Bibiliya izo nyigisho zibagiranye. Niba zaribagiranye, bazibwiwe n'uwuhe muhanuzi ?

N'ubwo bimeze bityo, Bibiliya yo ubwayo ihamya ko yihagije kugira ngo ihindure umuntu agere ku kigero gishyitse (2Tim. 3:16-17). None se ubwo Bibiliya ivuga ko yihagije ubwayo, aho bakuye izo nyigisho zo kunganira Bibiliya Yera twavugaga ko ari aho kwizerwa ?

Iyi ni yo mpamvu igitabo cy'ubutabera cyabujiye benshi kwinjira gihamya neza ko uzagira icyo yongeraga ku magambo yacyo azakurwa ku mugabane wa cya giti cy'ubugingo no ku warwa rurembo rwera rwanditswe muri cyo (Ibyah.22:18-19). Amaherezo y'ababakurikiye kandi bazi neza ko ibyo babigisha nta na hamwe byanditse mu ijamba ry'Imana, reka tuyategereze. icyakora, amaherezo yabo ashobora kuzamera nk'ayabakurikiye baali ubwo bashiriraga imbere ya Eliya kuko byari bimaze kugaragara neza ko bakurikiye inyigisho z'impimbano (1Abami 18:40).

5.6. Yozefu yaba yarabujijwe kuryamana n’umugeni we iteka ryose ? (Mat. 1:25).

Yozefu yabujijwe kuryamana n’umugore we kugeza igihe Yesu avutse. Byumvikana ko nyuma yaho nta tegeko ryamubuzaga kuryamana no kubyarana n’uwo yari yarasabye.

5.7. Mariya yaba yarabyaye abandi bana ? (Abagal. 1:19-20; Mat. 27:56; Lk. 24:10; Mar. 15:40).

Pawulo yandikira Abagalatiya, yavuze ko Yakobo ari mwene nyina w’Umwami Yesu: bisobanura ko Mariya ari nyina wa Yakobo. Uretse n’ibyo, intumwa Luka, Mariko na Matayo na bo bahamije ko Mariya ari nyina wa Yakobo. Mariko kandi agaragaza ko Mariya ari nyina wa Yosefu (Mar. 15:47). Iyo tugiye muri Bibiliya zanditse mu zindi ndimi, zigaragaza neza ko Yesu afite bashiki be ndetse akagira na

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

bene nyina ari bo Yakobo, Yosefu, Simoni na Yuda (Mat. 13:55-56; Mar. 6:3).

Ikigaragara, Yosefu yari umugabo wa Mariya si umurezi wa Yesu gusa dore ko Yesu yavutse Mariya yari yarasabwe na Yosefu. Uretse n'ibyo, Matayo ubwe yahamije ko Yosefu ari umugabo wa Mariya (Mat.1:16). Nta tegeko rero ryigeze rimubuza gushyingiranwa n'umugeni we yari yarasabye.

6. INYIGISHO ZINYURANYE

Muri iki gice cya gatandatu, turaza kubona ko kera abatari abisirayeli batari bemerewe ubugingo buhoraho. Turaza kubona kandi ko mu badayimoni duhanganye harimo abarusha imbaraga bamwe mu bamalayika b’Imana. Hanyuma, turaza kubona ko habaho amajuru atatu kandi ko abitabye Imana n’abitabye shitani baba ahantu hatandukanye. Turaza kureba icyo Yesu avuga ku butatu bwera, turaza kureba kandi umugaba w’ingabo zo mu gihugu cyo mu ijuru uwo ari we. Turaza kureba kandi icyo ijambo ry’Imana rivuga ku byo kwishyingira, kurya ingurube, urukwavu, imbata, n’ibindi.

6.1. Yikoreye umusaraba uremereye agwa hasi gatatu nta hantu wabisanga muri Bibiliya.

Yikoreye umusaraba uremereye agwa hasi gatatu. Ibyo nta na hamwe wabisanga muri Bibiliya. Uwo musaraba ni uwuhe ko Yesu

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

yikoreye umusaraba yamara gusohoka mu rukiko Simoni agategekwa kugenda atwaye uwo musaraba (Mat. 27:32) ? icyakora bishushanya Yesu avuga ubwa gatatu ati «Iki gikombe kindenge» (Mat.26:44,39). Umusaraba Yesu yikoreye ugizwe ahanini no gukubitwa, gusuzugurwa, gushinyagurirwa no kubambwa kugeza ubwo apfuye urupfu rubi. Igitera agahinda kurushaho, ni uko yishwe n’abo yari azi ko aje gutabara.

6.2. Kera abatari Abisirayeli ntibari bemerewe ubugingo buhoraho (Ibyak. 10:28)

Abanyamahanga bagizwe ubwoko, inyamaswa zizira (zashushanyaga abanyamahanga) zirazirurwa (Ibyak.10:12-15; 11:18; Mat.15:17-18; Yoh.10:16; Abar.16:25-26; Ibyak.10:45). Bityo, nta cyaha ku warya urukwavu, imbata, ingurube, n’ibindi kuko ibyo byari bibujijwe gusa mu isezerano rya kera nk’uko iyo mirongo tumaze gusoma igaragaza ko byaziruwe.

6.3. Duhanganye n'abadayimoni bafite imbaraga ziruta iza bamwe mu bamalayika b'Imana (Dan.10:6,12-14).

Hari abadayimoni bafite imbaraga nyinshi ndetse bazirusha bamwe mu bamalayika b'Imana. Umudayimoni (umutware w'i bwami bw'u Buperesi) yamaze iminsi 21 yarabujije malayika w'Imana gutambuka kugeza ubwo malayika ukomeye Mikayeli yaje gutabara. Utazaba maso wese, birababaje ko bene abo bazamwambika ubushwambagara akabura ubugingo (Ibyah. 16:15).

6.4. Abitabye Imana n'abitabye Shitani baba ahantu hatandukanye. Abo, bazazuka mu bihe bitandukanye (Yes. 14:10-11; Lk. 16:26).

Abanesheje(Abitabye Imana) n'abitabye Shitani (Yes.14:10-11) baba ahantu hatandukanye (Lk.16:26; Heb.4:5-6; Zab.95:10-11). Igihe cyo kuzuka hazabanza kuzuka abanesheje basanganire Yesu mu kirere bajye kwiyakira mu myaka 1000. Aha Yesu ntazakoza ibirenge ku isi

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

(1Abates.4:16-17; Ibyah.20:4-6; Mat.26:29). Uyu ni wo muzuko wa mbere. Ku muzuko wa 2, Yesu n'ingabo ze azaza gisirikari kandi arakaye, afite umujinya ashinge ibirenge bye ku musozi wa Elayono usadukemo kabiri. icyo gihe byose bizaba bishize (Ibyah.19:13-21; 6:16; Zek.14:4). Ni na ho yari ari igihe yajyaga mu ijuru amaze kuzuka (Ibyak. 1:11-12). Azafata abanzi b'Imana abajugunye mu muriro w'inkazi. Byose nibirangira Yesu azatanga raporo mu ijuru (1Abakor.15:23-26).

6.5. Abazataha ijuru, ntabwo bazahembwa ibihembo bingana

Abakoze igihe gito, abakoze igihe kirekire, abakoze kera n'abakoze mu minsi ya none bose bazahabwa igihembo cy'ibanze : Ubugingo buhoraho (Mat. 20:8-10).

Hamwe no guhabwa ubugingo buhoraho, imirimo y'abera izapimwa maze ba nyirayo bagororerwe amakamba ku bw'imirimo yabo. Abagiye bavangavanga imirimo mibi n'imyiza, ababibye imbuto bwacya bakazibibura, imwe

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

mu mirimo yabo izashya kuko nta gaciro cyangwa uburemere izaba ifite (1Abakor. 3:14-15). Hari imirimo myinshi izashya kubera kwirara kwa ba nyirayo dore ko n'ijambo iryo ari ryo ryose ry'imfabusa rizabazwa uwarivuze (Mat.12:36).

Abazataha ijuru rero ntabwo bazareshya kuko abakoze imirimo myinshi, abitanze, abaraye amajoro, abakoze imirimo abandi binubira, abakoresheje imibiri yabo uburetwa ku bw'ijambo ry'Imana bazabihemberwa amakamba kuri buri muhati bagiye bagaragaza (Mat. 5:19 ;10:41-42). Nk'uko Yesu ubwe abigaragaza, abantu bazahemberwa imirimo yose bakoze uherye ku murimo munini uruta iyindi ukageza ku murimo muto uri inyuma y'iyindi. Ni yo mpamvu Yesu yahamije ko n'uzaba yarahaye umwigishwa we utuzi dukonje twonyine, Yesu atazatuza ataramushyikiriza ingororano ku bw'iyi neza (Mat. 10:42). Nta kantu na kamwe dukorera Yesu kazitwa gato ku muni w'ingororano !

Icyakora na n'ubu, ababa mu ijuru nta bwo bareshya kuko habayo abakuru, abatoya,

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

abamalayika b'abatware nka Mikayeli n'abandi (Mat.11:11 ; Ibyah. 4:9-10, Dan.10:13).

N'ubwo ababa mu ijuru batareshya, n'ubwo abazajyayo na bo batazaba bareshya, nta n'umwe uzagirira undi ishyari kuko nta cyaha kizongera kubaho ahubwo hazahoraho amahoro atemba nk'uruzi (Yes. 66:12-16). Yesu yabigaragaje agira ati ufite amatwi niyumve, Umwana w'umuntu azatuma abamalayika be bateranye ibintu bigusha byose n'inkozi z'ibibi, babikure mu bwami bwe babajugunye mu itanura ry'umuriro (Mat.13:41-43).

6.6. Ese ibihano by'abari muri gehinomu bizaba bireshya ?

Abazambije umurimo wa Data kandi ari bo bakagombye kuyobora abandi, bazahabwa ibihano biremereye kurusha iby'abandi (Lk. 12:47-48; Mar. 12:40 ; Mat. 23:14 ; Lk. 20:47 ; Yak. 3:1; Yoh.19:11). Abo bantu kandi tubafite ari benshi ndetse bamwe ni ibikomerezwa mu by'idini ariko Yesu ntazabura kubasukaho

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

umujinya wateguriwe abagome n'abujuje isi ibyaha (Mat.19:30; Lk. 13:27-28).

Abapfuye bataramenya Imana, izabacira urubanza ishingiyeye ku mutima nama wabo na ho ababwiwe ubutumwa bakinangira bacirwe ho iteka riruta iry'abatarigeze kumenya Imana (Mat. 11:22-24).

Icyakora, baba abaciriweho iteka riruta ayandi, baba abaciriweho iteka ritaruta ayandi, nta n'umwe uzaba yorohewe muri gehinomu kuko bose bazazabiranywa n'inkongi y'umuriro ku buryo buhagije (Mar. 9:49). Uretse n'iby, bose bazahahekenyera amenyo (Mat. 13:42) kandi bigaragara ko bazahora bababazwa amanywa n'ijoro kandi ko nta kiruhuko kizabaho (Mar. 9:48 ; Yes. 66:24).

Yemwe abategereje purigatori y'ibyaha bikeya, mwitegure ko nimusanga nta yibaho aka kayira k'abahekenya amenyo ari ko muzanyuramo dore ko n'ubutumwa dufite kugeza ubu buvuga ko muri bibiliya nta purigatori Yesu yigeze avuga !

6.7. Amajuru atatu, iremwa ry'abamalayika n'ibizima (2Abakor. 12:2; Yob.38:4-7).

Ijuru ni iki ? Bigaragara ko habaho amajuru atatu :

1^o Ijuru Imana ibamo ni ukuvuga ahantu tuzabana n'Imana ubwo tuzaba twahinduwe kuko imibiri yo mu isi itandukanye n'iyi mu ijuru (1Abakor. 15:40).

2^o Ijuru ry'aho abavuye mu isi baba baruhukiye iyo bari mu mugabane w'abanesheje ariho hitwa Paradizo (Ibyah. 6:9-11 ; Heb. 4:9-11; Lk. 23:43; Heb. 11:39-40).

3^o Hari n'ijuru risobanura ikirere cyangwa isanzure riba hejuru ribamo izuba, inyenyeri, ukwezi,... (Itang. 1:14-15).

Imana rero yaremye mu minsi 7 isi dutuye n'ijuru tubona hejuru yacu n'ibyo turibonamo. Igihe abamalayika n'ibindi biremwa byo mu ijuru byaremewe ntikizwi neza bigaragara ko

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

bo baremwe kera cyane kuko baririmbye igihe isi yari imaze kuremwa (Yob. 38:4-7) ; Yesu ati "icyo gihe nari mpari ndi umukozi w'umuha-nga" (Imig. 8:22-31). Nuko rero, nta na kimwe kitaremwe na we. Aha, reka tuvuge ngo Amena.

6.8. Uwiteka, Yesu, Umwuka Wera, Ubutatu.

Uwiteka yakuye Abisirayeli mu Egipta, Yesu atubambirwa i Gologota, Umwuka Wera ni we udushoboza kugeza ku mperuka y'ibihe, Imana ni ubutatu.

Yesu ni Imana (Yes.9:5), Umwuka ni Imana (Yoh.4:24), Data wa twese ni Imana. Ni yo mpamvu Pawulo avuga mu nteruro imwe ati "Imana" yajya kuyisubiramo agakoresha ijambo "Umwuka", (1Abakor.12:6,11). Nk'uko Pawulo abigaragaza kandi, Imana ni imwe (Abef.4:6) icyakora yishyira mu bwinshi kuko ari ubutatu. Ni yo mpamvu yavuze iti "Tureme umuntu", (Itang.1:26). Irongera ihamya ubutatu ivuga iti Umuntu abaye nk'Imwe yo muri twe. ", (Itang. 3:22). Kuba Yesu yari mu isi no mu ijuru hakaba

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Imana, ntibivuze ko Imana zari 2, ahubwo ni uko Yesu ari we shusho y’Imana itaboneka kandi biratugaragarira ko Yesu yaremye byose (Abakol. 1:15-16). Icyakora, Imana yemera ko n’umuntu ubwe ari imana [ntoya], (Zab.82:6; Yoh.10:34-37; Itang.3:22). Icyakora hariho izina ry’Imana rikomeye, riteye ubwoba kandi ry’icyubahiro “Uwiteka”, (Guteg.28:58).

Yesu na we yahamije ubutatu agira ati «Mubatize mu izina rya Data, iry’Umwana n’iry’Umwuka», (Mat.28:18-19); Yesu arongera ati «Ibyo Data afite byose ni ibyanjye», (Yoh.16:14-15); Yobu na we amaze gushishoza ahamya ko abantu baremwe n’Umwuka (Yob.33:4); na ho Yesu abwira Filipo ati ko ushaka kureba Data wa twese, igihe nahereye mbana nawe na n’ubu nturakamenya koko ? (Yoh.14:8-9).

6.9. Kwishyingira ni icyaha ?

Umuhango wo gushyingirwa wubahwe na buri wese (Heb. 13:4).

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Benshi bikundira akayira koroshye nyamara Isaka yasabye umugeni amuhabwa n'umuryango ku mugaragaro (Itang.24:49-51), bariyakira, batanga inkwano n'impano [cadeaux] (Itang.24:53-54), umuryango wose usezera kuri Rebeka, bamusabira umugisha ku Mana (Itang.24:59-60), kandi araherekezwa (Itang. 24:61). Mariya na we yabanje gusabwa, (Mat.1:18). Umuheburayo yitegereje ibyo, yihanangiriza abafite amatwi yumva ati umuhango w'ishyingirwa nuhabwe icyubahiro na buri wese kuko abasambanyi bazacirwaho iteka (Heb.13:4). Bityo, abadashaka kubikora mu cyubahiro bamenye ko bakorera ijuru mwene Dawidi atigishije kandi n'Umwuka ku bamufite ni ko abihamya.

6.10. Umugaba w'Ingabo zo mu gihugu cyo mu ijuru ni nde ? (Ibyah. 12:7; Yuda 9; Dan. 10:13,21).

Uyu Yuda wanditse igitabo, ntabwo ari wa wundi wagambaniye Yesu kuko uwagambanye yahise yiyahura atanditse igitabo.

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Umwuka ati « Mikayeli n’abamalayika be ... » bisobanura ngo « Mikayeli n’Ingabo ze ... ». Malayika ukomeye Mikayeli yayoboye ingabo inshuro nyinshi ndetse no ku muni wo kujugunya Satani mu isi ni Malayika Mikayeli wari uyoboye ingabo. icyakora bigaragara neza ko ku muni w’amateka ari Kristo ubwe uzaba ayoboye ingabo ubwo ijuru rizakinguka, Yesu agasohoka muri ryo maze ingabo zo mu ijuru zigasohoka zimukurikiye akengesha ibirenge bye mu mvure w’umujinya (Ibyah. 19:11-16, 6:16-17). Ahangaha, Imana idufashe tuzabe turi mu mugabane w’abanesheje.

6.11. Wirinde kuko ku irembo ry’ijuru n’intwari ubwazo zihinjira biruhanije (Zek. 3:1-5, Yuda 9).

Hari ibyago bibiri bikomeye abakoreye Imana bagapfa batakiyikorera bazahura na byo: guta agaciro imbere ya Satani, urugero Yes.14:8-17; Yesu yaza bakongera bakagata kandi bagasabwa n’umuriro (Yes.66:24; Mar.9:49).

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Wirinde kuko ku irembo ry'ijuru benshi bazakorwa n'isoni hari n'igihe intwari zihinjira biruhaniye, (Zek.3:1-5; Yuda 9). Nuko rero umuriro uhore waka ku gicaniro urudaca ntugasinzire (Lew.6:5-6). Biragoye ariko Yesu ati « Unesha nzamugira inkingi mwandikeho n'izina ryanjye » (Ibyah.3:12-13). _Bene uwo bazisasira amahoro biyoroze ibyishimo.

6.12. Abadayimoni duhanganye bafite imbaraga, uburambe n'amayere bihagije ku buryo bayobeje benshi.

Nkwibutse ko abadayimoni duhanganye na bo bafite ingufu, uburyarya n'iterabwoba birenze ibyo dukeka. Bigeze gutangira Malayika w'Imana amara iminsi 21 yarabuze inzira (Dan.10:13; Ibyah.13:3-10; Mat.24:23-24). Bakoreye ibitangaza imbere ya Farawo batuma yinangira (Kuva 7:10-13), batumye Mose arakara avuga ibituma atagera i Kanani (Kub.20:10-12); icyo gihe Mose yinginze Uwituka maze Uwituka aramusubiza ati « Uherukire aho ntukongere kumbwira iryo

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

jambo » (Gut.3:25-26). Ibi bigaragaza ko imiruhu n'imihati yose Mose yakoze n'ubwo ari myinshi itabashije kumurengera n'ubwo amaherezo yatashye ijuru. Ibi byakagombye kubera imbuzi umugenzi wese ukora icyaha yibwira ko nta kibazo Imana izamubabarira n'ubwo atari ko byari biri kuri Mose. Bahendahenda Samusoni arabumvira apfa yaravuyemo amaso (Abac.16:28-30), bahendahenze Yesu arabananiza kuko yari akomeye ku cyamuzanye (Mat.4:1-11), barimbuza Yuda wari ufite imwe muri za minisiteri Yesu yari yagabye (Mat.26:14-15 ; 27:3-5; Yoh.12:6) ; bahendahenda Salomo asaza yaravuye ku Uwiteka (1Abami 11:4-8), Yosiya ni we washenye ayo mazu Salomo yubakiye Satani (2Abami 23:13-15); asenya n'amazu y'abatinganyi yabaga mu nzu y'Uwiteka (2Abami 23:7). Aho Salomo bizamworohera kurokora imirimo ye imbere y'iteka ry'i Gehinomu n'ishinyagura ry'abadayimoni b'ikuzimu ko yakozze imirimo myiza agaherutsa imirimo mibi ? (Yes.14:10-11, Zek.3:1).

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

Usigaye ni njye nawe ngo dukomere ku cyatumye dutangira uru rugendo. Nuko rero iyi nzira turimo tuyitondere kuko imbere gato ku ntebe y'imanza insobanuro n'inzitwazo (Lk.14:18-20; 9:59-62) bizakamana benshi.

Iyi ni yo mpamvu Yesu yavuze ati: Ndababwira yuko benshi bazashaka kunyura mu irembo rifunganye ariko ntibabibashe (Lk.13:24). Ni yo mpamvu rero iyi Mana dukorera byari ngombwa ko tuyitondera kandi tugaca bugufi. Byari ngombwa kandi ko abantu bakwirinda kwihimbira izabo nzira zitagaragara mu gitabo cy'ubutabera cyabujije benshi kwinjira (Ibyah. 22:18-19). Bigaragara neza kandi ko benshi mu bagerageje gushaka Imana bazasigara hanze kubera ko badashyitse cyangwa se kubera ko bayobejwe n'ibinezeza by'iyi si (Lk. 13:25-28).

6.13. Kuja impaka bigusha abumva (2Tim 2:14,23; Tit.3:9).

Kuja impaka nta cyo bimaze kuko bigusha abumva. icyakora ni byiza ko buri wese ahamya ibyo akomeyemo kuko bitera umwete wo

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

kumaramaza mu byo buri wese akora kandi yizeye (Tit.3:8). Kugira umwete wo gusoma (1Tim. 4:13, Ibyah.1:3) ni inkingi ikomeye itubashisha gusobanurira uwatubaza wese ishingiro ry'ibyiringiro byacu (1 Pet. 3:15). Nuko rero, abantu nibareke gukurikira Imana butama na buhumyi kuko Yesu yavuze ati mwirinde batabayobya kuko benshi bazaza biyita izina ryanjye ndetse bavuge bati igihe kiri bugufi ariko ntimuzabakurikire (Lk. 21:8). Ibi bigaragaza ko n'abazayoba, batazabura kumva ku busharire bw'inkota nk'uko abayobeye kwa baali batabuze kwicwa(1 Abami 18:40)

6.14. Isirayeli ni igihugu giteye gite ?

Isirayeli¹² ni igihugu kiri mu mugabane wa Asiya gikoresha indimi z'Igiheburayo, icyarabu, igifaransa n'icyongereza. Imijyi yacyo ikomeye ni Yerusalemu, Telavive, Jafa na Hayifa kikaba gifite ubuso bwa km² 20.700. Kubera ko u Rwanda rufite km² 26.338, ruruta Isirayeli mu

¹² MARTINEAU, F. et RENALD, J. : Op. cit., p.249.

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

bunini. Isirayeli rero ikaba yiganjemo Abayahu-di 80%, Abayisilamu 15% n'Abakirisitu 5%.

Yerusalemu ni umurwa mukuru wa Isirayeli ukaba n'umujyi Abakirisitu, Abayahudi n'Abayisilamu bemera ko ari umurwa wera. Uyu murwa wa Yerusalemu umaze imyaka irenga 700 warigaruriwe n'ubutegetsu bwa kiyisilamu¹³. Yesu ati Yerusalemu hazasiribangwa kugeza ubwo ibihe by'abapagani bizashirira maze nyuma yaho nibwo bazabona Umwana w'umuntu aje ku bicu afite ubwiza n'ubushobozi bwinshi (Lk. 21:24,27). None se iby'iyi minsi, ntabwo Daniyeli yabivuze ? Cyangwa mu Ibyahishuwe ntabwo tubisangamo ? Nk'uko kandi Yesu yari yarabivuze, mu mwaka wa 60 habaye ibihe bibi cyane maze urusengeru rw'i Yerusalemu rusenywa n'intambara.

¹³ http://www.villemagne.net/site_fr/jerusalem-ville-sainte.php, 14 mai 2011

7. INSOBANURO Z'AMWE MU MAGAMBO AKUNZE GUKORESHWA

- Aleluya = Duhimbaze cyangwa dushimire Imana;
- Hozana = Dukize cyangwa dutabare;
- Amina = Bibe bityo;
- Pasika = Kunyuraho (Kuva 12:13,11c);
- Pantekote = Iminsi mirongo itanu, (Pante = 50, kote = iminsi). Ni yo mpamvu uwo munsu wizihizwa ku munsu wa 50 uhereye igihe Pasika ibereye.
- Yesu = Umukiza, Mat. 1:21; Lk. 2:11. icyakora hari n'abandi bitwa ba Yesu, Abakol. 4:11 ;
- Mesiya (Uwasizwe) = Kristo, Yoh. 1:41.
- Yehova ni ijamba ry'igiheburayo risobanura ngo "Ibaho" (Yer.1:6a). Hari n'ibindi bitabo bivuga ko iri zina risobanura ngo "Uwiteka".

8. INTASHYO

Abantu nibareke kumaranira kurya neza, kwambara neza no kwigwizaho ubutunzi (Lk. 7:25) ahubwo baharanire kwandikisha amazina yabo mu ijuru (Lk. 10:20). Abababaye n’abafite agahinda nibihangane kuko hari umunsi abarira n’abihanganiye iyi si bakaruhira muri yo tuzahabwa agaciro kacu. icyakora, mube maso mutegereze kugaruka kwa Yesu ubwo abera tuzambikwa imyenda yera, tukaberwa kandi tukazimagiza ikirere. Ikirere cyose kigahinduka urworerane kuko ijuru tuzaba turitashye. Abera n’abamalayika bazaba barangajwe imbere n’uwagiye i Gologota ku giti kandi twese tuzaba twambaye ibyera. Indirimbo z’ibirori zo kwakira umugeni muri Yerusalemu nshya zizaba ziri kubica bigacika kandi zabaye urudaca.

Uwo munsi mu banyabyaha n’abatizera hazaba huzuye agahinda n’umuborogo mwinshi. Bazaba bugarijwe n’ikibazo gikomeye kuko bazaba baranze gushaka urukingo rutangwa n’umwishi-

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

ngizi wa byose. Iki kibazo gikomeye kizaba kibugarije ni ijambo « Gusigara » rizakurikirwa n’amarira menshi kandi igihe kizaba cyarenze.

Ubwo bimeze bityo, njye nawe twirinde ntituzave mu birindiro by’iyaduhamagaye. Na ho uwambaye wese, narebe neza ko yikwije nk’uko ijambo ry’iyahamagaye ribivuga. Uhereye kera kose wakomeje gukora ibyaha ariko ntacyo wabaye. Uko iminsi igenda itambuka, uko umwaka utashye ni na ko urupfu rugenda rwigiza intebe hino. Igihe kizagera nimeru yawe igerweho. Uwo muni nta kabuza Yesu azakubaza neza ibyo wakoze ukiri mu isi. Uwituka ati “Ibyo byose urabikora nkakwihorera ukibwira ko mpwanye nawe...”

Garukira aho ugeze kandi uhindure ingendo n’imigenzereze yawe utazicuza igihe cyarenze. Yesu namara gushinga ibirenge bye mu muvure w’umujinya byose bizaba bishize (Ibyah. 19:11-16). Uretse n’ibyo, igihe kizaba cyarenze ubwo urupfu ruzaba rumaze kukugeza iyo batabasha kwihana nk’uko byagendekeye Nyamutunzi

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

akabura uko yihana kuko yari yamaze kugera iyo abatubanjirije bagiye berekeza (Lk.16:22-26). Bakomeje kugenda tubareba nyamara wowe urakomeza wanga kwihana, nongeye kukwibutsa ko nimero yawe umunsi umwe izagerwaho kandi ko uwo munsi uzagerekwa amakara yaka ku mutwe.

Abantu bose bigometse kuri Kristu: abasinzi, abagome, abahehesi, abahekuye abandi, n'abandi bose bameze batyo, Yesu azabafata abafunge kandi gereza azabafungiramo ntabwo baza-yisohokamo ukundi (Mar. 9:47-48). Iyo gereza izitwa gehinomu kandi iki ni cyo gehinomu ibereyeho. Umudendezo w'abanyabyaha ni uw'igihe gito kandi uzashyi-rwaho iherezo. Yesu afite amapingu azambika abamugomeye ndetse na Satani azashyirwa mu minyururu (Ibyah. 20:1-3). Kuri uriya munsi uteye ubwoba (Zef.1:14), icyagira ngo Yesu azasange uri maso kandi utarakurikiye inyigisho z'impimbano !

Ndangije nsaba buri wese kwitondera uko agenda kuko umunsi w'amarira menshi uri hafi ndetse uri

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

bugufi ubwo Yesu witwa Kirisitu azahuza amaso na buri wese cyangwa na buri muntu (Lk.17:22, Ibyah.6:16).

Nta muntu uzabasha guhakana ibyo yakoze akiri mu isi kuko buri wese azaba afite mu ntoki ze agasanduku karimo ibyo buri muntu yakoze akiri mu isi. Pahulo yabivuze neza ati “kuko umuntu wese aziyikorera uwe mutwaro”, Abagal.6:5.

Abo Kirisitu abereye umuvugizi n’umwishingizi baracyafite amahirwe kuko amaraso ya Yesu witwa Kirisitu azatwikira ibyaha byabo kugira ngo bitagaragazwa kuri uriya muni.

Ndasaba buri wese ko yasaba ubwishingizi kuri Kirisitu bikitwa none.

Ndashaka kandi kwibutsa buri wese uzahitamo inzira y’ibibi ko azihanganira ingaruka zizakurikiraho ubwo Kirisitu azaba amaze gutanga itegeko ko abanzi be bose bagomba kubacamo kabiri (Lk.12: 45-46; Ibyah.6:15-17).

Abo bose, Yesu azatangaza imbere ya Data ko imirimo bakoze yose ibaye imfabusa ndetse ko atigeze kubamenya (Mat 25:11-12). Birababaje

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

cyane kuko imirimo myiza n'ubwitange bagaragaje bakiri mu isi, nta gaciro na gato bizaba bigifite kubera ko bazaba bariyanduje ndetse bagatukisha izina rya Kirisitu nyiri Itorero. Uretse n'ibyo, iki cyemezo kizafatwa n'uwagiye i Gologota ku giti, nta rukiko na rumwe ruzabaho ruzabasha kugira ububasha bwo kugisesa, kukivuguruza cyangwa se kongera kucyigaho. Ibi Yesu yabivuze neza ati "Ndi Alufa na Omega, uwa mbere n'uwa nyuma, itangiriro n'iherezho. Hahirwa abamesera ibishura byabo kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy'ubugingo... (Ibyah. 22:13-14). Umuririmbyi Yesu yatumye, na we yavuze kuri Kirisitu nyiri Itorero ati "Iyo ukinze nta wukungura, iyo ukinguye nta wubasha gukinga" (Ibyah. 3:7).

Abanze kwihana n'abazanga ijambo rya Kirisitu, Umwami nyiri ijuru kandi nyiri Itorero, mbasezeyeho, amahoro meza.

Abakomeje urugendo berekeza i Siyoni mu gihugu cy'abera, urugendo rwiza kandi ntimuzacibwe intege n'ibiruhije byo muri uru

MENYA UKURI IGIHE KITARARENGA

rugendo. Muzirinde cyane ibirangaza abagenzi, nta kabuza kuko njye namwe tuzahurirayo muri rwa rurembo rwubakishijwe amabuye ya yasipi kandi tuzatemberana kuri ya nyanja y'ibirahuri (Ibyah. 21:18; 15:2). Kuri uwo muni, iyicara kuri ya ntebe izahanagura amarira yose ku maso yacu. Irongerera iti "Andika, kuko ayo magambo ari ayo kwizerwa n'ay'ukuri" (Ibyah. 21:4-5).